

<b>Igazeti ya Leta ya Repubulika y'u Rwanda</b>	<b>Official Gazette of the Republic of Rwanda</b>	<b>Journal Officiel de la République du Rwanda</b>
---	---	--

*Ibirimo/Summary/Sommaire*

*A. Amategeko/Laws/Lois*

**N°69/2008 ryo kuwa 30/12/2008**

Itegeko rishyiraho Ikigega cya Leta cyo gushyigikira no gutera inkunga abarokotse jenocide yakorewe Abatutsi n'ibindi byaha byibasiye inyokomuntu byakozwe hagati y'itariki ya mbere Ukwakira 1990 n'ya 31 Ukuboza 1994 rikagena imiterere, ububasha n'imikorere byacyo.....3

**N° 69/2008 of 30/12/2008**

Law relating to the establishment of the Fund for the support and assistance to the survivors of the Tutsi genocide and other crimes against humanity committed between 1<sup>st</sup> October 1990 and 31<sup>st</sup> December 1994, and determining its organisation, powers and functioning.....3

**N° 69/2008 du 30/12/2008**

Loi portant création du Fonds de soutien et d'assistance aux rescapés du génocide perpétré contre les Tutsi et autres crimes contre l'humanité commis entre le 1<sup>er</sup> octobre 1990 et le 31 décembre 1994 et déterminant son organisation, ses compétences et son fonctionnement .....3

**N°03/2009 ryo kuwa 27/03/2009**

Itegeko rishyiraho Ikigo cya Leta gishinzwe guteza imbere ubumenyingingiro n'imyigirishirize y'imyuga mu Rwanda (WDA) rikanagena inshingano, imiterere n'imikorere byacyo.....27

**N°03/2009 of 27/03/2009**

Law establishing the Workforce Development Authority (WDA) and determining its responsibilities, organisation and functioning.....27

**N°03/2009 du 27/03/2009**

Loi portant création de l'Office Rwandais de Développement de la Main d'oeuvre (WDA) et déterminant ses attributions, son organisation et son fonctionnement.....27

**B. Iteka rya Perezida / Presidential Order/Arrêté Présidentiel**

**N° 64/01 ryo kuwa 31/12/2008**

Iteka rya Perezida ryemeza burundu Amasezerano hagati ya Guverinoma ya Repubulika y'u Rwanda n'Umuryango w'Abibumbye, arebana no kurangiza imanza zaciwe n'Urukiko Mpanabyaha Mpuzamahanga rwashyiriweho u Rwanda, yashyiriweho umukono i Kigali mu Rwanda kuwa 04 Werurwe 2008.....50

**N° 64/01 of 31/12/2008**

Presidential Order ratifying the Agreement between the Government of the Republic of Rwanda and the United Nations on the enforcement of sentences of the International Criminal Tribunal for Rwanda, signed at Kigali in Rwanda, on 04 March 2008.....50

**N° 64/01 du 31/12/2008**

Arrêté Présidentiel portant ratification de l'Accord entre le Gouvernement de la République du Rwanda et l'Organisation des Nations Unies relatif à l'exécution des peines prononcées par le Tribunal Pénal International pour le Rwanda, signé à Kigali au Rwanda, le 04 mars 2008.....50

**ITEGEKO N°69/2008 RYO KUWA 30/12/2008  
RISHYIRHAHO IKIGEGA CYA LETA CYO  
GUSHYIGIKIRA NO GUTERA INKUNGA  
ABAROKOTSE JENOSIDE YAKOREWE  
ABATUTSI N'IBINDI BYAHA BYIBASIYE  
INYOKOMUNTU BYAKOZWE HAGATI  
Y'ITARIKI YA MBERE UKWAKIRA 1990 N'IYA  
31 UKUBOZA 1994 RIKAGENA IMITERERE,  
UBUBASHA N'IMIKORERE BYACYO**

**LAW N° 69/2008 OF 30/12/2008 RELATING TO  
THE ESTABLISHMENT OF THE FUND FOR  
THE SUPPORT AND ASSISTANCE TO THE  
SURVIVORS OF THE TUTSI GENOCIDE AND  
OTHER CRIMES AGAINST HUMANITY  
COMMITTED BETWEEN 1<sup>st</sup> OCTOBER 1990  
AND 31<sup>st</sup> DECEMBER 1994, AND DETERMINING  
ITS ORGANISATION, COMPETENCE AND  
FUNCTIONING**

**LOI N° 69/2008 DU 30/12/2008 PORTANT  
CRÉATION, ORGANISATION,  
COMPÉTENCES ET FONCTIONNEMENT DU  
FONDS DE SOUTIEN ET D'ASSISTANCE AUX  
RESCAPÉS DU GENOCIDE PERPETRE  
CONTRE LES TUTSI ET AUTRES CRIMES  
CONTRE L'HUMANITE COMMIS ENTRE LE  
1<sup>er</sup> OCTOBRE 1990 ET LE 31 DECEMBRE 1994**

**ISHAKIRO**

**TABLE OF CONTENTS**

**TABLE DES MATIERES**

**UMUTWE WA MBERE: ISHYIRWAHO  
RY'IKIGEGA N'ICYICARO CYACYO**

**CHAPTER ONE: ESTABLISHMENT OF THE  
FUND AND ITS HEAD OFFICE**

**CHAPITRE PREMIER: CREATION ET SIEGE  
DU FONDS**

**Ingingo ya mbere : Ishyirwaho ry'Ikigega**

**Article One: Establishment of the Fund**

**Article premier : Création du Fonds**

**Ingingo ya 2 : Icyicaro cy'Ikigega**

**Article 2: Head Office of the Fund**

**Article 2: Siège du Fonds**

**Ingingo ya 3: Ibisobanuro by'amagambo**

**Article 3: Definitions of terms**

**Article 3 : Définitions des termes**

**UMUTWE WA II: INSHINGANO Z'IKIGEGA**

**CHAPTER II: RESPONSIBILITIES OF THE  
FUND**

**CHAPITRE II: MISSIONS DU FONDS**

**Ingingo ya 4 : Inshingano z'Ikigega**

**Article 4: Responsibilities of the Fund**

**Article 4: Missions du Fonds**

**UMUTWE WA III: URWEGO RUREBERERA  
IKIGEGA**

**CHAPTER III: SUPERVISING AUTHORITY OF  
THE FUND**

**CHAPITRE III : ORGANE DE TUTELLE DU  
FONDS**

**Ingingo ya 5: Urwego rureberera Ikigega**

**Article 5: Supervising authority of the Fund**

**Article 5 : Organe tutelle du Fonds**

**Ingingo ya 6: Ibiteganywa mu masezerano yerekeye  
gahunda y'ibikorwa**

**Article 6: Content of the Contract of performance**

**Article 6 : Contenu du contrat de performance**

**UMUTWE WA IV : IMITERERE N'IMIKORERE BY'IKIGEGA**

**CHAPTER IV: ORGANISATION AND FUNCTIONING OF THE FUND**

**CHAPITRE IV : ORGANISATION ET FONCTIONNEMENT DU FONDS**

**Ingingo ya 7: Inzego z'Ubuyobozi**

**Article 7: Organs of the Fund**

**Article 7 : Organes du Fonds**

**Icyiciro cya mbere : Inama y'Ubuyobozi**

**Section One: Board of Directors**

**Section première : Conseil d'Administration**

**Ingingo ya 8: Ishyirwaho, inshingano n'ububasha by'Inama y'Ubuyobozi**

**Article 8: Appointment, responsibilities and powers of the Board of Directors**

**Article 8 : Nomination des membres du Conseil d'Administration, ses attributions et ses pouvoirs**

**Ingingo ya 9 : Inshingano z'Inama y'Ubuyobozi**

**Article 9: Responsibilities of the Board of Directors**

**Article 9: Attributions du Conseil d'Administration**

**Ingingo ya 10: Itumizwa n'iterana by'inama z'Inama y'Ubuyobozi n'uko ifata ibyemezo**

**Article 10: Convening and holding of the meetings of the Board of Directors and the mode of taking decisions**

**Article 10 : Invitation et tenue des réunions du Conseil d'Administration ainsi que les modalités de prise des décisions**

**Ingingo ya 11: Itumira mu nama y'Inama y'Ubuyobozi ry'umuntu ushobora kuyungura inama**

**Article 11: Invitation of a resourceful person to the meeting of the Board of Directors**

**Article 11: Invitation d'une personne ressource à la réunion du Conseil d'Administration**

**Ingingo ya 12: Inyandiko y'ibyemezo n'inyandikomvugo by'inama y'Inama y'Ubuyobozi**

**Article 12: Resolutions and the minutes of the meeting of the Board of Directors**

**Article 12: Résolutions et procès-verbaux de la réunion du Conseil d'Administration**

**Ingingo ya 13: Ibigenerwa abitabiriye inama**

**Article 13: Sitting allowances**

**Article 13 : Jetons de présence**

**Ingingo ya 14: Ibubujijwe ku bagize Inama y'Ubuyobozi**

**Article 14: Incompatibility**

**Article 14 : Incompatibilité**

**Ingingo ya 15: Impamvu zituma uri mu Nama y'Ubuyobozi ayivamo**

**Article 15: Cessation of the membership of a member of the Board of Directors**

**Article 15: Causes de perte de la qualité de membre du Conseil d'Administration**

**Icyiciro cya 2: Ubuyobozi bw'Ikigega**

**Section 2: Management of the Fund**

**Section 2: Direction du Fonds**

**Ingingo ya 16: Inshingano z'Umuyobozi**

**Article 16: Responsibilities of the Director**

**Article 16: Attributions du Directeur**

<b><u>Ingingo ya 17:</u> Umwanditsi w’Inama y’Ubuyobozi</b>	<b><u>Article 17:</u> Rapporteur of the Board of Directors</b>	<b><u>Article 17:</u> Rapporteur du Conseil d’Administration</b>
<b><u>Ingingo ya 18:</u> Ibigenerwa Umuyobozi n’abakozi b’Ikigega</b>	<b><u>Article 18:</u> Benefits accorded to the Director of the Fund</b>	<b><u>Article 18 :</u> Avantages accordés au Directeur et au personnel du Fonds</b>
<b><u>Ingingo ya 19:</u> Imiterere n’inshingano by’inzeho z’imirimo y’Ikigega n’imicungire y’abakozi</b>	<b><u>Article 19:</u> Organisational structure and management of staff</b>	<b><u>Article 19 :</u> Organisation et cadre organique du Fonds ainsi que la gestion du personnel</b>
<b><u>UMUTWE WA V:</u> UBUBASHA BW’IKIGEGA</b>	<b><u>CHAPTER V:</u> COMPETENCE OF THE FUND</b>	<b><u>CHAPITRE V :</u> COMPETENCE DU FONDS</b>
<b><u>Ingingo ya 20:</u> Gukurikirana indishyi</b>	<b><u>Article 20:</u> Civil Action</b>	<b><u>Article 20 :</u> Action civile</b>
<b><u>Ingingo ya 21:</u> Kunganira Ikigega mu ikurikirana ry’indishyi</b>	<b><u>Article 21:</u> Assisting the Fund in civil action</b>	<b><u>Article 21:</u> Assistance prêtée au Fonds en matière d’action civile</b>
<b><u>UMUTWE WA VI:</u> UMUTUNGO W’IKIGEGA N’IMARI</b>	<b><u>CHAPTER VI:</u> PROPERTY AND FINANCES</b>	<b><u>CHAPITRE VI:</u> PATRIMOINE ET FINANCES</b>
<b><u>Ingingo ya 22:</u> Umutungo w’Ikigega n’aho ukomoka</b>	<b><u>Article 22:</u> Property of the Fund and its sources</b>	<b><u>Article 22:</u> Patrimoine du Fonds et ses sources</b>
<b><u>Ingingo ya 23:</u> Uburyo Ikigega gikurikirana kandi kigakusanya inkunga zikigenewe</b>	<b><u>Article 23:</u> Modalities for monitoring and collecting of resources intended for the Fund</b>	<b><u>Article 23:</u> Modalités de recouvrement et de mobilisation des ressources destinées au Fonds</b>
<b><u>Ingingo ya 24:</u> Imikoreshereze, imicungire n’imigenzurire by’umutungo</b>	<b><u>Article 24:</u> Utilization, management and audit of the property</b>	<b><u>Article 24:</u> Utilisation, gestion et audit du patrimoine</b>
<b><u>Ingingo ya 25:</u> Iyemezwa n’icungwa ry’ingengo y’imari y’Ikigega</b>	<b><u>Article 25:</u> Approval and Management of the budget of the Fund</b>	<b><u>Article 25:</u> Adoption et gestion du budget du Fonds</b>
<b><u>UMUTWE WA VII:</u> ABAGENERWA INKUNGA N’IKIGEGA</b>	<b><u>CHAPTER VII:</u> BENEFICIARIES OF THE FUND’S ASSISTANCE AND SUPPORT</b>	<b><u>CHAPITRE VII:</u> BENEFICIAIRES DU SOUTIEN ET DE L’ASSISTANCE DU FONDS</b>
<b><u>Ingingo ya 26:</u> Uburyo Ikigega gitangamo inkunga</b>	<b><u>Article 26:</u> Modalities for distribution of support and assistance</b>	<b><u>Article 26:</u> Modalités de distribution du soutien et de l’assistance du Fonds</b>

**Ingingo ya 27: Abatemerewe inkunga y'Ikigega**

**Article 27: Persons excluded from the support and assistance of the Fund**

**Article 27: Non éligibilité au soutien et à l'assistance du Fonds**

**UMUTWE WA VIII: INGINGO ZISOZA**

**CHAPTER VIII : FINAL PROVISIONS**

**CHAPITRE VII: DISPOSITIONS FINALES**

**Ingingo ya 28: Ururimi iri tegeko ryateguwemo**

**Article 28: Language of preparation of this Law**

**Article 28: Langue d'élaboration de la présente loi**

**Ingingo ya 29: Ivanwaho ry'ingingo z'amategeko zinyuranyije n'iri tegeko**

**Article 29: Repealing provision**

**Article 29: Disposition abrogatoire**

**Ingingo ya 30: Igihe itegeko ritangira gukurikizwa**

**Article 30: Commencement**

**Article 30: Entrée en vigueur**

**ITEGEKO N°69/2008 RYO KUWA 30/12/2008  
RISHYIRAHU IKIGEGA CYA LETA CYO  
GUSHYIGIKIRA NO GUTERA INKUNGA  
ABAROKOTSE JENOSIDE YAKOREWE  
ABATUTSI N'IBINDI BYAHA BYIBASIYE  
INYOKOMUNTU BYAKOZWE HAGATI  
Y'ITARIKI YA MBERE UKWAKIRA 1990 N'IYA  
31 UKUBOZA 1994 RIKAGENA IMITERERE,  
UBUBASHA N'IMIKORERE BYACYO**

**LAW N° 69/2008 OF 30/12/2008 RELATING TO  
THE ESTABLISHMENT OF THE FUND FOR  
THE SUPPORT AND ASSISTANCE TO THE  
SURVIVORS OF THE GENOCIDE AGAINST  
THE TUTSI AND OTHER CRIMES AGAINST  
HUMANITY COMMITTED BETWEEN 1<sup>st</sup>  
OCTOBER 1990 AND 31<sup>st</sup> DECEMBER 1994, AND  
DETERMINING ITS ORGANISATION,  
COMPETENCE AND FUNCTIONING**

**LOI N° 69/2008 DU 30/12/2008 PORTANT  
CRÉATION, ORGANISATION,  
COMPÉTENCES ET FONCTIONNEMENT DU  
FONDS DE SOUTIEN ET D'ASSISTANCE AUX  
RESCAPÉS DU GENOCIDE PERPETRE  
CONTRE LES TUTSI ET AUTRES CRIMES  
CONTRE L'HUMANITE COMMIS ENTRE LE  
1<sup>er</sup> OCTOBRE 1990 ET LE 31 DECEMBRE 1994**

**Twebwe, KAGAME Paul,**  
Perezida wa Repubulika;

**We, KAGAME Paul,**  
President of the Republic;

**Nous, KAGAME Paul,**  
Président de la République ;

**INTEKO ISHINGA AMATEGEKO YEMEJE,  
NONE NATWE DUHAMIJE, DUTANGAJE  
ITEGEKO RITEYE RITYA KANDI DUTEGETSE  
KO RYANDIKWA MU IGAZETI YA LETA YA  
REPUBULIKA Y'U RWANDA**

**THE PARLIAMENT HAS ADOPTED AND WE  
SANCTION, PROMULGATE THE FOLLOWING  
LAW AND ORDER IT BE PUBLISHED IN THE  
OFFICIAL GAZETTE OF THE REPUBLIC OF  
RWANDA**

**LE PARLEMENT A ADOPTÉ ET NOUS  
SANCTIONNONS, PROMULGUONS LA LOI  
DONT LA TENEUR SUIT ET ORDONNONS  
QU'ELLE SOIT PUBLIÉE AU JOURNAL  
OFFICIEL DE LA REPUBLIQUE DU RWANDA**

**INTEKO ISHINGA AMATEGEKO :**

**THE PARLIAMENT:**

**LE PARLEMENT:**

Umutwe w'Abadepite mu nama yawo yo ku wa 20  
Ugushyingo 2008;

The Chamber of Deputies, in its session of 20<sup>th</sup>  
November 2008;

La Chambre des Députés, en sa séance du 20  
novembre 2008;

Umutwe wa Sena mu nama yawo yo ku wa 09  
Ukwakira 2008;

The Senate, in its session of 09 October 2008

Le Sénat, en sa séance du 09 octobre 2008;

Ishingiye ku Itegeko Nshinga rya Repubulika y'u  
Rwanda ryo ku wa 04 Kamena 2003, nk'uko  
ryavugururwe kugeza ubu, cyane cyane mu ngingo  
zaryo, iya 9, iya 14, iya 17, iya 62, iya 66, iya 67 iya,  
88, iya 89, iya 90, iya 92, iya 93, iya 108, iya 118 n'iya  
201;

Pursuant to the Constitution of the Republic of Rwanda  
of 04 June 2003 as amended to date, especially in  
Articles 9, 14, 17, 62, 66, 67, 88, 89, 90, 92, 93, 108,  
118 and 201;

Vu la Constitution de la République du Rwanda du 04  
juin 2003 telle que révisée à ce jour, spécialement en  
ses articles 9, 14, 17, 62, 66, 67, 88, 89, 90, 92, 93,  
108, 118 et 201;

Ishingiyeye ku Itegeko Ngenga n°16/2004 ryo ku wa 19/6/2004 rigena imiterere, ububasha n'imikorere by'Inkiko Gacaca zishinzwe gukurikirana no gucira imanza abakoze ibyaha bya jenocide n'ibindi byaha byibasiye inyokomuntu byakozwe hagati y'itariki ya mbere Ukwakira 1990 n'ya 31 Ukuboza 1994, nk'uko ryahinduwe kandi ryujujwe kugeza ubu, cyane cyane mu ngingo yaryo ya 96;

Pursuant to Organic Law n° 16/2004 of 19/06/2004 establishing the organization, competence and functioning of Gacaca Courts responsible for prosecuting and trying the perpetrators of genocide and other crimes against humanity, committed between 1<sup>st</sup> October 1990 and 31<sup>st</sup> December 1994 as modified and complemented to date, especially in Article 96;

Vu la Loi Organique n° 16/2004 du 19/6/2004 portant organisation et fonctionnement des Juridictions Gacaca chargées de poursuivre et de juger les auteurs du génocide et autres crimes contre l'humanité commis entre le 1<sup>er</sup> octobre 1990 et le 31 décembre 1994 telle que modifiée et complétée à ce jour, spécialement en son article 96;

Ishingiyeye ku Itegeko Ngenga n° 14/2004 ryo ku wa 26/05/2004 rishyiraho amategeko rusange yerekeye ibigo bya Leta, nk'uko ryahinduwe kandi ryujujwe kugeza ubu, cyane cyane mu ngingo yaryo ya 17;

Pursuant to Organic Law n° 14/2004 of 26/05/2004 establishing general rules of public institutions as modified and complemented to date especially in Article 17;

Vu la Loi Organique n° 14/2004 du 26/05/2004 portant dispositions générales applicables aux établissements publics telle que modifiée et complétée à ce jour, spécialement en son article 17 ;

Isubiye ku Itegeko n° 02/98 ryo ku wa 22/01/1998 rishyiraho Ikigega cya Leta cyagenewe gutera inkunga abakorewe icyaha cy'itsembabwoko n'itsembatsemba batishoboye byakozwe mu Rwanda hagati y'itariki ya mbere Ukwakira 1990 n'ya 31 Ukuboza 1994, nk'uko ryahinduwe kandi ryujujwe kugeza ubu;

Reviewing 22/01/1998 law n° 02/1998 creating the national fund for assistance to victims of genocide and massacres perpetrated in Rwanda from 01 October 1990 to 31 December 1994, as modified and complemented to date;

Revu la Loi n° 02/98 du 22/01/1998 portant création du Fonds National pour l'assistance aux victimes les plus nécessiteuses du génocide et des massacres perpétrés au Rwanda entre le 01 octobre 1990 et le 31 décembre 1994, telle que modifiée et complétée à ce jour ;

**YEMEJE:**

**ADOPTS:**

**ADOPTÉ:**

**UMUTWE WA MBERE: IBYEREKEYE ISHYIRWAHO RY'IKIGEGA N'ICYICARO CYACYO**

**CHAPTER ONE: ESTABLISHMENT OF THE FUND AND ITS HEAD OFFICE**

**CHAPITRE PREMIER: CREATION ET SIEGE DU FONDS**

**Ingingo ya mbere : Ishyirwaho ry'Ikigega**

**Article One: Establishment of the Fund**

**Article premier : Création du Fonds**

Iri tegeko rishyiraho Ikigega cya Leta cyo gushyigikira no gutera inkunga abarokotse jenocide yakorewe Abatutsi n' ibindi byaha byibasiye inyokomuntu byakozwe hagati y'itariki ya mbere Ukwakira 1990 n'ya 31 Ukuboza 1994, rikagena imiterere, ububasha n'imikorere byacyo.

This Law establishes the Fund for the support and assistance to the survivors of the Genocide against the Tutsi and other crimes against humanity committed between 1<sup>st</sup> October 1990 and 31<sup>st</sup> December 1994 and determining its organization, competence and functioning.

La présente loi porte création du Fonds de soutien et d'assistance aux rescapés du génocide perpétré contre les Tutsi et autres crimes contre l'humanité commis entre le 01 octobre 1990 et le 31 décembre 1994 et détermine son organisation, ses compétences ainsi que son fonctionnement.



Ikigega kiri mu cyiciro cy'ibigo bifite inshingano zo gutanga amabwiriza no guteza imbere ibikorwa by'ubukungu, iby'imibereho myiza n'ibindi bigamije inyungu rusange.

Ikigega gifite ubuzimagatozi n'ubwigenge mu miyoborere, mu micungire y'umutungo n'abakozi byacyo kandi gicungwa hakurikijwe amategeko agenga ibigo bya Leta.

### **Ingingo ya 2 : icyicaro cy'Ikigega**

Icyicaro cy'Ikigega kiri mu Muji wa Kigali, Umurwa Mukuru wa Repubulika y'u Rwanda. Gishobora kwimurirwa ahandi hose mu Rwanda igihe bibaye ngombwa.

Ikigega gishobora kugira amashami ahandi hose mu Gihugu igihe cyose bibaye ngombwa, byemejwe n'iteka rya Minisitiri w'Intebe.

### **Ingingo ya 3: Ibisobanuro by'amagambo**

Muri iri tegeko, amagambo akurikira afite ibisobanuro bikurikira:

- 1° **“abarokotse”**: abarokotse jenoside yakorewe Abatutsi n'ibindi byaha byibasiye inyokomuntu byakozwe hagati y'itariki ya mbere Ukwakira 1990 n'ya 31 Ukuboza 1994;
- 2° **“Ikigega”**: Ikigega cyo gushyigikira no gutera inkunga abarokotse jenoside yakorewe Abatutsi n'ibindi byaha byibasiye inyokomuntu byakozwe hagati y'itariki ya mbere Ukwakira 1990 n'ya 31 Ukuboza 1994;

The Fund is in the category of regulatory institutions whose responsibilities include promoting economic and social activities and any other activity for the benefit of general interest.

The Fund shall have legal personality and administrative and financial autonomy and it shall be governed in accordance with laws governing public institutions.

### **Article 2: Head Office of the Fund**

The Head Office of the Fund shall be situated in the Kigali City, the Capital of the Republic of Rwanda. It may be transferred elsewhere in Rwanda whenever it is deemed necessary.

The Fund may have branches anywhere else in the country if considered necessary and upon approval by a Prime Minister's Order.

### **Article 3: Definitions of terms**

In this Law, the following terms shall have the following definitions:

- 1° **“survivors”**: survivors of the Genocide against the Tutsi and other crimes against humanity committed between 1<sup>st</sup> October 1990 and 31<sup>st</sup> December 1994;
- 2° **“Fund”**: Fund for the support and assistance to the Tutsi survivors of the genocide and other crimes against humanity committed between 1<sup>st</sup> October 1990 and 31<sup>st</sup> December 1994;

Le Fonds rentre dans la catégorie des établissements publics de régulation et de promotion économique, sociale et d'autres activités d'intérêt général.

Le Fonds est doté de la personnalité juridique et de l'autonomie financière et administrative et est géré conformément aux lois relatives aux établissements publics.

### **Article 2 : Siège du Fonds**

Le siège du Fonds est établi dans la Ville de Kigali, Capitale de la République du Rwanda. Il peut, en cas de nécessité, être transféré en tout autre lieu du territoire de la République du Rwanda.

Le Fonds peut, en cas de nécessité, établir des branches en tout autre lieu du territoire national sur arrêté du Premier Ministre.

### **Article 3: Définitions des termes**

Au sens de la présente loi, les termes suivants ont la signification suivante :

- 1° **“rescapés”**: rescapés du génocide perpétré contre les Tutsi et autres crimes contre l'humanité commis entre le 1<sup>er</sup> octobre 1990 et le 31 décembre 1994 ;
- 2° **“Fonds”**: Fonds de soutien et d'assistance aux rescapés du génocide perpétré contre les Tutsi et autres crimes contre l'humanité commis entre le 1<sup>er</sup> octobre 1990 et le 31 décembre 1994 ;

- |   |  |   |
|---|--|---|
| <p>3° <b>“inkunga”</b>: inkunga yo gushyigikira, abarokotse jenocide yakorewe Abatutsi n’ibindi byaha byibasiye inyokomuntu byakozwe hagati y’itariki ya mbere Ukwakira 1990 n’iya 31 Ukuboza 1994;</p>   | <p>3° <b>“assistance”</b>: support to the survivors of Genocide against the Tutsi and other crimes against humanity committed between 1st October 1990 and 31st December 1994;</p>     | <p>3° <b>“assistance”</b>: soutien en faveur des rescapés du génocide perpétré contre les Tutsi et autres crimes contre l’humanité commis entre le 1er octobre 1990 et le 31 décembre 1994;</p> |
| <p>4° <b>“Jenoside yakorewe Abatutsi n’ibindi byaha byibasiye inyokomuntu”</b>: jenocide n’ibindi byaha byibasiye inyokomuntu byakozwe hagati y’itariki ya mbere Ukwakira 1990 n’iya 31 Ukuboza 1994.</p> | <p>4° <b>“Genocide against the Tutsi and other crimes against humanity”</b>: genocide and other crimes against humanity committed between 1st October 1990 and 31st December 1994.</p> | <p>4° <b>“génocide perpétré contre les Tutsi et autres crimes contre l’humanité”</b>: génocide et autres crimes contre l’humanité commis entre le 1er octobre 1990 et le 31 décembre 1994.</p>  |

## UMUTWE WA II: INSHINGANO Z’IKIGEGA

## CHAPTER II: RESPONSIBILITIES OF THE FUND

## CHAPITRE II : MISSIONS DU FONDS

### Ingingo ya 4 : Inshingano z’Ikigega

### Article 4: Responsibilities of the Fund

### Article 4 : Missions du Fonds

Muri rusange, Ikigega gishinzwe gukurikirana, gukusanya no gusaranganya inkunga mu barokotse jenocide yakorewe Abatutsi n’ibindi byaha byibasiye inyokomuntu, haherewe ku batishoboye kurusha abandi.

In general, the Fund shall be responsible for the monitoring, collection and distribution of contributions for the survivors of the Genocide against the Tutsi and other crimes against humanity, starting with the needy.

De façon générale, le Fonds a pour mission d’assurer le suivi, collecter et distribuer les contributions aux rescapés du génocide perpétré contre les Tutsi et autres crimes contre l’humanité, en commençant par les plus nécessiteux.

By’umwihariko, Ikigega gifite inshingano zikurikira :

In particular, the Fund shall have the following responsibilities:

En particulier, le Fonds a les missions suivantes :

- |   |   |   |
|---|---|---|
| <p>1° gukurikirana no guhuza ibikorwa byose byerekeranye no gukusanya inkunga iteganywa n’iri tegeko igenewe abarokotse ;</p>                                 | <p>1° supervising and coordinating all the activities relating to the collection of contributions determined by this Law for the survivors;</p>   | <p>1° assurer le suivi et la coordination de toutes les activités de collecte des contributions visées par la présente loi destinées aux rescapés ;</p>   |
| <p>2° kuregera no gusaba indishyi ku bahamwe n’ibyaha bya jenocide yakorewe Abatutsi n’ibindi byaha byibasiye inyokomuntu bibashyira mu rwego rwa mbere ;</p> | <p>2° taking action and seeking indemnity against persons convicted of the Genocide against the Tutsi and other crimes against humanity that categorise them in the first category;</p> | <p>2° mener une action en justice et se constituer partie civile pour l’obtention de l’indemnisation à charge des condamnés du génocide perpétré contre les Tutsi et autres crimes contre l’humanité, rangés dans la première catégorie ;</p> |

- |  |   |  |
|--|---|--|
| 3° kwishyuzwa indishyi zagenwe n'inkiko, nk'uko biteganijwe ku gace ka 2° k'iyi ngingo ;   | 3° collecting indemnities determined by courts as provided for in sub-paragraph 2° of this Article ;  | 3° procéder au recouvrement des dommages et intérêts alloués par les juridictions, conformément au point 2° du présent article;  |
| 4° kubakira amacumbi abasaza n'abakecuru b'incike cyangwa bigaragara ko batishoboye, imfubyi, abapfakazi, abamugajwe na jenocide yakorewe Abatutsi n'ibindi byaha byibasiye inyokomuntu bagisembereye n'abandi barokotse badafite aho baba;            | 4° building houses for elderly people remaining who have no single child or who are needy, orphans, widows, widowers, those who were made handicapped by the Genocide against the Tutsi and other crimes against humanity who lack shelter;                   | 4° construire des logements en faveur des personnes âgées dépourvues de familles ou notoirement indigentes, des orphelins, des veuves, des invalides à la suite du génocide perpétré contre les Tutsi et autres crimes contre l'humanité hébergés dans des maisons des tiers ainsi qu'aux autres rescapés sans abri; |
| 5° kurihira amashuri abana basizwe iheruheru na jenocide yakorewe Abatutsi n'ibindi byaha byibasiye inyokomuntu kugeza nibura barangije icyiciro cya kabiri cy'amashuri makuru ;   | 5° paying school fees for the helpless Genocide against the Tutsi students survivors and other crimes against humanity until at least the end of the second cycle of higher studies;  | 5° payer les frais de scolarité en faveur des enfants démunis rescapés du génocide perpétré contre les Tutsi perpétré contre les Tutsi et autres crimes contre l'humanité jusqu'au moins à la fin du second cycle des études supérieures ;   |
| 6° kuvuza abatishoboye, abatewe ubumuga na jenocide yakorewe Abatutsi n'ibindi byaha byibasiye inyokomuntu, abafite indwara zidakira zaturutse ku ihohoterwa rishingiye ku gitsina harimo na SIDA;   | 6° providing medical treatment for the needy, the Genocide against the Tutsi handicapped and other crimes against humanity, those infected with incurable diseases caused by gender based violence including AIDS;  | 6° faire soigner les nécessiteux, ceux qui ont été rendus invalides par le génocide perpétré contre les Tutsi et autres crimes contre l'humanité, ceux qui souffrent des maladies incurables issues de la violence basée sur le genre y compris le SIDA;   |
| 7° kugenera inkunga ihoraho y'amafaranga ku bageze mu za bukuru basizwe iheruheru na jenocide yakorewe Abatutsi n'ibindi byaha byibasiye inyokomuntu n'abandi batewe ubumuga butuma ntacyo bacyimarira, nk'uko byagenwa n'Inama y'Ubuyobozi y'Ikigega; | 7° determining permanent financial assistance to elderly and the misery persons among the Genocide against the Tutsi survivors and other crimes against humanity and those who were incapacitated as may be determined by the Board of Directors of the Fund; | 7° allouer une rente viagère aux rescapés âgés démunis ainsi qu'à ceux qui ont été rendus invalides de façon permanente à la suite du génocide perpétré contre les Tutsi et autres crimes contre l'humanité, suivant les modalités fixées par le Conseil d'Administration du Fonds ;                                 |
| 8° gufasha abarokotse kwifasha, bagenerwa inkunga zitandukanye zigamije kubazamurira imibereho.  | 8° assisting the survivors in providing self help through provision of various support to improve their social life.  | 8° aider les rescapés à s'auto suffire en leur fournissant des appuis divers visant l'amélioration de leurs conditions de vie.   |

**UMUTWE WA III: URWEGO RUREBERERA IKIGEGA**

**Ingingo ya 5: Urwego rureberera Ikigega**

Ikigega kirebererwa na Minisiteri ifite imibereho myiza y'abaturage mu nshingano zayo. Hagati y'iyi Minisiteri n'Inama y'Ubuyobozi hakorwa amasezerano yerekeye gahunda y'ibikorwa agaragaza ububasha, uburenganzira n'inshingano bya buri ruhande mu kugeza Ikigega ku nshingano zacyo.

Ayo masezerano amara igihe gihwanye na manda y'abagize Inama y'Ubuyobozi ashirwaho umukono na Perezida w'Inama y'Ubuyobozi hamwe na Minisitiri ureberera Ikigega.

**Ingingo ya 6: Ibiteganywa mu masezerano yerekeye gahunda y'ibikorwa**

Mu byo amasezerano yerekeye gahunda y'ibikorwa agomba guteganywa mu buryo bwumvikana harimo:

- 1° inshingano z'Inama y'Ubuyobozi, iz'Ubuyobozi n'iz'inzego zose z'ingenzi by'Ikigega;
- 2° ibigomba kugerwaho n'Ikigega;
- 3° aho umutungo w'Ikigega ukomoka, imikorere yacyo n'uburyo buhoraho bwo kubigenzura.

**CHAPTER III: SUPERVISING AUTHORITY OF THE FUND**

**Article 5: Supervising authority of the Fund**

The Fund shall be supervised by the Ministry in charge of Social Affairs. There shall be concluded between the Ministry and the Board of Directors of the Fund a contract of performance indicating powers, rights and responsibilities of each party in order for the Fund to attain its mission.

Such a contract shall be valid for a period of the term of office of the members of the Board of Directors and shall be signed by the Chairperson of the Board of Directors and the Minister supervising the Fund.

**Article 6: Content of the Contract of performance**

Among the contents of the contract of performance, the following should be clearly provided:

- 1° the responsibilities of the Board of Directors, of the management as well as of all the main organs of the Fund;
- 2° expected results of the Fund;
- 3° the source of the property of the Fund, its functioning and modalities for its permanent audit.

**CHAPITRE III : ORGANE DE TUTELLE DU FONDS**

**Article 5 : Organe tutelle du Fonds**

Le Fonds est placé sous la tutelle du Ministère ayant les affaires sociales dans ses attributions. Il est conclu, entre ce Ministère et le Conseil d'Administration du Fonds, un contrat de performance déterminant les pouvoirs, les droits et les obligations de chaque partie en vue de la réalisation de la mission du Fonds.

Ce contrat est valide pour une durée égale au mandat des membres du Conseil d'Administration et est conjointement signé par le Président du Conseil d'Administration et le Ministre de tutelle du Fonds.

**Article 6 : Contenu du contrat de performance**

Le contrat de performance doit préciser notamment les points suivants :

- 1° les attributions du Conseil d'Administration, celles de la Direction et de tous les organes principaux du Fonds ;
- 2° les objectifs à réaliser par le Fonds;
- 3° la provenance du patrimoine du Fonds, ses modalités de fonctionnement et d'audit permanent.

**UMUTWE WA IV : IMITERERE N’IMIKORERE BY’IKIGEGA**

**CHAPTER IV: ORGANISATION AND FUNCTIONING OF THE FUND**

**CHAPITRE IV : ORGANISATION ET FONCTIONNEMENT DU FONDS**

**Ingingo ya 7 : Inzego z’Ubuyobozi**

**Article 7: Organs of the Fund**

**Article 7 : Organes du Fonds**

Ikigega kigizwe n’inzego z’ubuyobozi ebyiri (2) zikurikira:

The Fund shall comprise of the following two (2) administrative organs:

Le Fonds est doté de deux (2) organes administratifs suivants:

1° Inama y’Ubuyobozi ;

1° the Board of Directors;

1° le Conseil d’Administration ;

2° Ubuyobozi.

2° the Management.

2° la Direction.

**Icyiciro cya mbere : Inama y’Ubuyobozi**

**Section One: Board of Directors**

**Section première : Conseil d’Administration**

**Ingingo ya 8 : Ishyirwaho, inshingano n’ububasha by’Inama y’Ubuyobozi**

**Article 8: Appointment, responsibilities and powers of the Board of Directors**

**Article 8 : Nomination des membres du Conseil d’Administration, ses attributions et ses pouvoirs**

Inama y’Ubuyobozi y’Ikigega ni rwo rwego rukiyobora kandi rushinzwe gufata ibyemezo. Ifite ububasha busesuye n’inshingano byo gucunga umutungo w’Ikigega kugira ngo gishobore kugera ku nshingano zacyo.

The Board of Directors of the Fund is the authority which directs the Fund and which is responsible for making decisions. It shall have full powers and responsibilities to manage the property of the Fund in order to fulfil its responsibilities.

Le Conseil d’Administration du Fonds est l’organe suprême de direction et de décision. Il est investi des pouvoirs étendus et de la mission d’assurer la gestion du patrimoine en vue de la réalisation de la mission du Fonds.

Iteka rya Minisitiri w’Intebe rishyiraho abagize Inama y’Ubuyobozi barindwi (7) barimo Perezida na Visi-Perezida. Nibura mirongo itatu ku ijana (30%) by’abagize Inama y’Ubuyobozi bagomba kuba ari abagore.

A Prime Minister’s Order shall appoint seven (7) members of the Board of Directors including the Chairperson and the Vice Chairperson. At least thirty percent (30%) of the members of the Board of Directors shall be women.

Un arrêté du Premier Ministre nomme sept (7) membres du Conseil d’Administration dont un Président et un Vice-Président. Trente pour cent (30%) au moins des membres du Conseil d’Administration sont du sexe féminin.

Abagize Inama y’Ubuyobozi bafite manda y’imyaka itatu (3) ishobora kongerwa inshuro imwe gusa.

Members of the Board of Directors are appointed for a period of three (3) years which may be renewable only once.

Les membres du Conseil d’Administration sont désignés pour un mandat de trois (3) ans renouvelable une seule fois.

**Ingingo ya 9 : Inshingano z’Inama y’Ubuyobozi**

**Article 9: Responsibilities of the Board of Directors**

**Article 9: Attributions du Conseil d’Administration**

Inshingano z’Inama y’Ubuyobozi y’Ikigega ni izi zikurikira:

The responsibilities of the Board of Directors of the Fund are the following:

Les attributions du Conseil d’Administration du Fonds sont les suivantes:

- 1° gutanga icyerekezo cy’ibikorwa na gahunda y’imikorere by’Ikigega;
- 2° kwemeza umushinga w’amategeko ngengamikorere y’Ikigega ashirwaho n’Iteka rya Minisitiri ureberera Ikigega;
- 3° kwemeza imbanzirizamushinga y’ingengo y’imari ya buri mwaka, mbere yo kuyishyikiriza inzego zibishinzwe;
- 4° gusuzuma imikorere y’Ikigega hakurikijwe gahunda n’ingengo y’imari;
- 5° kwemeza raporo y’ibikorwa na raporo y’imikoreshereze y’umutungo z’umwaka urangiye;
- 6° gukurikirana imikorere y’Ubuyobozi bw’Ikigega n’abakozi bacyo;
- 7° kugena abagomba guhabwa inkunga, ingano n’ubwoko bwayo, n’ibigenderwaho mu kuyitanga.

- 1° to provide a strategic vision and the activity plan of the Fund;
- 2° to approve the draft internal rules and regulations to be established by an Order of the Ministry supervising the Fund;
- 3° to approve the annual draft budget proposal before it is submitted to relevant organs;
- 4° to examine the performance of the Fund in accordance with the plan of action and the budget;
- 5° to approve the activity report and financial report of the previous year;
- 6° to monitor the performance of the Management and personnel of the Fund;
- 7° to decide upon those people who shall be assisted, the quantity and nature of the assistance as well as criteria for its distribution.

- 1° déterminer la vision stratégique et le plan d’action du Fonds ;
- 2° adopter le projet de règlement d’ordre intérieur du Fonds qui est approuvé par un arrêté du Ministre de tutelle du Fonds ;
- 3° approuver l’avant-projet de budget annuel avant de le transmettre aux organes compétents ;
- 4° évaluer les performances du Fonds sur base du plan d’action et du budget ;
- 5° approuver le rapport d’activités et le rapport d’utilisation du patrimoine pour l’exercice précédent ;
- 6° faire le suivi de la performance de la Direction du Fonds et de son personnel ;
- 7° déterminer les bénéficiaires de l’assistance, sa quantité et sa nature ainsi que les critères d’attribution.

**Ingingo ya 10: Itumizwa n'iterana by'inama z'Inama y'Ubuyobozi n'uko ifata ibyemezo**

Inama y'Ubuyobozi y'Ikigega iterana rimwe mu gihembwe n'igihe cyose bibaye ngombwa itumijwe na Perezida wayo cyangwa Visi-Perezida igihe Perezida adahari, babyibwirije cyangwa bisabwe mu nyandiko nibura na kimwe cya gatatu (1/3) cy'abayigize. Ubutumire bukorwa mu nyandiko ishyikirizwa abagize Inama y'Ubuyobozi hasigaye nibura iminsi cumi n'itanu (15) ngo inama iterane. icyakora, inama idasanzwe itumizwa mu nyandiko hasigaye nibura iminsi itanu (5) kugira ngo iterane.

Mu byigwa n'Inama y'Ubuyobozi mu gihembwe cya mbere cy'umwaka harimo kwemeza raporo y'ibikorwa n'imikoreshereze y'umutungo mu mwaka urangiye; mu gihembwe cya gatatu hakabamo gahunda yo gusuzuma umushinga w'ingengo y'imari na gahunda y'ibikorwa by'umwaka ukurikira.

Buri gihembwe kandi Inama y'Ubuyobozi igomba gusuzuma raporo y'imari n'iy'ibikorwa byerekeranye n'igihembwe kirangiye igashyikirizwa Minisitiri ureberera Ikigega.

Uburyo inama iterana n'uko ibyemezo bifatwa biteganywa n'amategeko ngengamikorere y'Ikigega.

**Article 10: Convening and holding of the meetings of the Board of Directors and the mode of taking decisions**

The meeting of the Board of Directors of the Fund is held once in every quarter and at any time it is deemed necessary upon invitation by its Chairperson or its Vice Chairperson, in case of absence of its Chairperson, upon an initiative, or upon proposal in writing by a third (1/3) of its members. The invitation shall be submitted in writing at least fifteen (15) days before the meeting is held. However, an extra ordinary meeting shall be convened in writing at least five (5) days before the meeting is held.

Items to be examined by the meeting of the Board of Directors in the first quarter of the year shall include approval of the activity report and the use of the property in the previous year; in the third quarter, there shall be included the examination of the draft of the annual Budget proposal and the plan of action of the following year.

At every quarter, the Board of Directors shall examine the financial report and the activity report relating to the previous quarter and they shall be transmitted to the Minister supervising the Fund.

The procedures through which the meeting is held and the mode of taking decisions shall be determined by the internal rules and regulations of the Fund.

**Article 10 : Invitation et tenue des réunions du Conseil d'Administration ainsi que les modalités de prise des décisions**

Le Conseil d'Administration du Fonds se réunit une fois par trimestre et chaque fois que de besoin, sur convocation de son Président ou du Vice-Président en l'absence du Président, de leur propre initiative, ou sur demande écrite d'au moins un tiers (1/3) de ses membres. L'invitation à la réunion est faite par écrit et transmise aux membres du Conseil d'Administration au moins quinze (15) jours avant la tenue de la réunion. Toutefois, la réunion extraordinaire est convoquée par écrit au moins cinq (5) jours avant sa tenue.

A l'ordre du jour du premier trimestre de l'année figurent notamment les points relatifs à l'approbation des rapports d'activités et de gestion du patrimoine pour l'exercice précédent. L'agenda de la réunion du troisième trimestre comprend notamment l'examen de l'avant-projet du budget et du programme d'activités pour l'exercice suivant.

Chaque trimestre, le Conseil d'Administration doit également examiner le rapport financier et le rapport d'activités pour le trimestre écoulé et le soumettre au Ministre de tutelle du Fonds.

Les modalités de tenue de réunion et de prise de décisions sont prévues par le Règlement d'ordre intérieur du Fonds.

**Ingingo ya 11: Itumira mu nama y’Inama y’Ubuyobozi ry’umuntu ushobora kuyungura inama**

Inama y’Ubuyobozi ishobora gutumira mu nama yayo umuntu wese ibona ko ashobora kuyungura inama ku ngingo runaka ifite ku murongo w’ibygwa. Uwatumiwe ntiyemerewe gutora no gukurikirana iyigwa ry’izindi ngingo ziri ku murongo w’ibygwa.

**Ingingo ya 12: Inyandiko y’ibyemezo n’inyandikomvugo by’inama y’Inama y’Ubuyobozi**

Inyandiko y’ibyemezo by’Inama y’Ubuyobozi ishyirwaho umukono n’abayigize bitabiriye inama ikirangira, kopi yayo ikoherezwa Minisitiri ureberera Ikigega mu gihe kitarenze iminsi itanu (5) kugira ngo agire icyo abivugaho mu gihe kitarenze iminsi cumi n’itanu (15) kuva ayishyikirijwe. Iyo icyo gihe kirenze ntacyo arabivugaho imyanzuro y’inama iba yemewe burundu.

Inyandikomvugo y’inama ishyirwaho umukono na Perezida n’umwanditsi bayo, ikemezwa mu nama ikurikira. Kopi y’inyandikomvugo yoherezwa Minisitiri ureberera Ikigega mu gihe kitarenze iminsi cumi n’itanu (15) guhera umunsi yemerejweho.

**Ingingo ya 13: Ibigenerwa abagize Inama y’Ubuyobozi bitabiriye inama**

Abagize Inama y’Ubuyobozi bitabiriye inama z’Inama

**Article 11: Invitation of a resourceful person to the meeting of the Board of Directors**

The Board of Directors may invite in its meeting any person from whom it may seek advice on a certain issue on the agenda. The invitee is not allowed to vote and to follow debates on other issues on the agenda.

**Article 12: Resolutions and the minutes of the meeting of the Board of Directors**

The resolutions of the meeting of the Board of Directors shall be signed by its present members immediately at the completion of the meeting and a copy shall be sent to the Minister supervising the Fund in a period not exceeding five (5) days in order to give his/her views in a period not exceeding fifteen (15) days from its receipt. If this period expires when he/she has not given his/her views, the resolutions of the meeting shall be considered definitively approved.

The minutes of the meeting shall be signed by the Chairperson and the meeting rapporteur and they shall be approved in the following session. The copy of minutes shall be sent to the Minister supervising the Fund in a period not exceeding fifteen (15) days from the day of its approval.

**Article 13: Sitting allowances**

The members of the Board of Directors present in the

**Article 11: Invitation d’une personne ressource à la réunion du Conseil d’Administration**

Le Conseil d’Administration peut, au cours de ses réunions, inviter toute personne qu’il juge compétente pour l’examen d’un point inscrit à l’ordre du jour. La personne invitée n’a pas de voix délibérative et participe uniquement aux débats concernant le point sur lequel elle est consultée.

**Article 12: Résolutions et procès-verbaux de la réunion du Conseil d’Administration**

Les résolutions du Conseil d’Administration sont immédiatement signées par les membres présents après la séance et la copie est transmise au Ministre de tutelle du Fonds dans un délai ne dépassant pas cinq (5) jours pour avis et considérations endéans quinze (15) jours à dater de leur réception. Passé ce délai sans réaction du Ministre, les résolutions du Conseil sont réputées définitives.

Le procès-verbal de la réunion du Conseil d’Administration est signé conjointement par son Président et son rapporteur et soumis à la séance suivante pour approbation. Une copie du procès-verbal est envoyée au Ministre de tutelle du Fonds dans un délai ne dépassant pas quinze (15) jours à compter du jour de son approbation.

**Article 13 : Jetons de présence**

Les membres du Conseil d’Administration présents à



y'Ubuyobozi bahabwa amafaranga agenwa n'Iteka rya Perezida.

meeting of the Board of Directors shall receive a sitting allowance which shall be determined by a Presidential Order.

la réunion bénéficient des jetons de présence dont le montant est déterminé par arrêté présidentiel.

**Ingingo ya 14: Ibujijwe ku bagize Inama y'Ubuyobozi**

**Article 14: Incompatibility**

**Article 14 : Incompatibilité**

Ntibyemewe ku bagize Inama y'Ubuyobozi cyangwa ibigo bafitemo imigabane gukora umurimo uhemberwa mu Kigega cyangwa gupiganira amasoko atangwa na cyo.

The members of the Board of Directors or companies in which they are shareholders are not allowed to perform any remunerated activity or to bid for contracts awarded by the Fund.

Il est interdit aux membres du Conseil d'Administration ou aux sociétés dont ils sont associés d'exercer des fonctions rémunérées ou de soumissionner aux marchés du Fonds.

**Ingingo ya 15: Impamvu zituma uri mu Nama y'Ubuyobozi ayivamo**

**Article 15: Cessation of the membership of a member of the Board of Directors**

**Article 15: Causes de perte de la qualité de membre du Conseil d'Administration**

Ugize Inama y'Ubuyobozi ava muri uwo mwanya iyo:

A member of the Board of Directors shall cease to be a member of the board if:

Un membre du Conseil d'Administration perd la qualité de membre dans les cas suivants:

1° manda ye irangiye;

1° his/her term of office expires;

1° expiration du mandat;

2° yeguye akoresheje inyandiko;

2° he/she resigns through writing;

2° démission par notification écrite;

3° atagishoboye gukora imirimo ye kubera ubumuga bw'umubiri cyangwa uburwayi bwo mu mutwe, byemejwe na muganga wemewe na Leta;

3° he/she is no longer able to perform his/her duties due to physical or mental disability certified by an authorised medical doctor;

3° incapacité physique ou mentale constatée par un médecin agréé ;

4° akatiwe burundu igihano cy'igifungo kingana cyangwa kirengeje amezi atandatu (6) nta subikagihano;

4° he/she is definitively sentenced to a term of imprisonment equal to or exceeding six (6) months without parole;

4° condamnation définitive à une peine d'emprisonnement égale ou supérieure à six (6) mois sans sursis;

5° asibye inama inshuro eshatu (3) zikurikirana mu mwaka umwe nta mpamvu zifite ishingiro;

5° he/she is absent from meetings thrice (3) consecutively times in a year without justified reasons;

5° trois (3) absences consécutives dans une année aux réunions sans motifs valables ;

6° abangamira inyungu z'Ikigega ; 7° agaragaje imyitwarire itajyanye n'inshingano ze;	6° he/she jeopardises the interests of the Fund; 7° he/she demonstrates behaviours incompatible with his/her responsibilities;	6° agissement contre les intérêts du Fonds ; 7° comportement incompatible avec ses fonctions ;
8° bigaragaye ko atacyujuje ibyashingiweho ashwirwa mu Nama y'Ubuyobozi;	8° he/she no longer fulfils the requirements considered at the time of his/her appointment on the Board of Directors;	8° constat qu'il ne remplit plus les conditions requises sur base desquelles il avait été nommé au Conseil d'Administration;
9° yireze akemera icyaha cya jenocide;	9° he/she confesses and pleads guilty to the crime of genocide;	9° aveu et plaidoyer de culpabilité pour crime de génocide;
10° agaragaweho ibimenyetso by'ingengabitekerezo ya jenocide ; 11° apfuye.	10° he/she is known to harbour genocide ideology; 11° he/she dies.	10° constat qu'il fait montre d'indices d'idéologie de génocide ; 11° décès.

Minisitiri ureberera Ikigega agaragaza muri raporo igenewe inzego zibifitiye ububasha ko umwe mu bagize Inama y'Ubuyobozi adakwiriye kuba mu bayigize cyangwa ko atakiri mu mwanya we hakurikijwe ibiteganywa mu gika kibanziriza iki.

The Minister supervising the Fund shall indicate in the report meant for competent organs whether one of its members is not worth its membership or if he/she is no longer in his/her position in accordance with the preceding paragraph.

Le Ministre de tutelle du Fonds constate, dans un rapport adressé à l'organe compétent, que l'un des membres du Conseil d'Administration n'a plus la qualité d'être membre ou que son poste est vacant conformément aux dispositions de l'alinéa précédent.

Iyo umwe mu bagize Inama y'Ubuyobozi avuye mu mirimo ye mbere y'uko manda ye irangira, Ubuyobozi bubifitiye ububasha bushyiraho umusimbura. Ushyizweho arangiza iyo manda.

In case one of the members of the Board of Directors leaves his/her duties before the expiration of his/her term of office, the competent authorities shall appoint his/her substitute to complete that mandate.

Si un membre du Conseil d'Administration perd la qualité de membre avant l'expiration de son mandat, l'autorité compétente désigne le remplaçant. Celui-ci achève le mandat de celui qu'il a remplacé.

## **Iciviro cya 2 : Ubuyobozi bw'Ikigega**

## **Section 2: Management of the Fund**

## **Section 2: Direction du Fonds**

### **Ingingo ya 16: Inshingano z'Umuyobozi**

### **Article 16: Responsibilities of the Director**

### **Article 16: Attributions du Directeur**

Imicungire ya buri muni y'Ikigega ishinze Umuyobozi wacyo ushyirwaho n'Iteka rya Minisitiri w'Intebe. Umuyobozi ni we uhuza akanayobora ibikorwa bya buri muni by'Ikigega kandi akabazwa

The daily management of the Fund is entrusted in its Director who is appointed by a Prime Minister'Order. The Director shall coordinate and direct the daily activities of the Fund and be answerable to the Board of

La gestion journalière du Fonds est assurée par son Directeur nommé par arrêté du Premier Ministre. Le Directeur coordonne et dirige les activités journalières du Fonds et est responsable devant le Conseil

n'Inama y'Ubuyobozi uko ibyemezo byayo bishyirwa mu bikorwa.	Directors on how its decisions are implemented.	d'Administration de la mise en œuvre de ses décisions.
By'umwihariko Umuyobozi ashinzwe ibi bikurikira:	In particular, the Director is responsible for:	Le Directeur du Fonds est spécialement chargé de :
1° gushyira mu bikorwa ibyemezo by'Inama y'Ubuyobozi;	1° implementing decisions of the Board of Directors;	1° mettre en œuvre les décisions du Conseil d'Administration ;
2° gutanga amabwiriza y'akazi mu kigeza no mu buyobozi bw'amashami y'Ikigeza;	2° issuing work and administrative directives in the Fund and in its branches;	2° donner des instructions de service au sein du Fonds et celles de ses branches;
3° gutegura no gushyikiriza Inama y'Ubuyobozi imbanzirizamushinga y'ingengo y'imari izakoresha mu mwaka ukurikira na raporo y'imikoreshereze y'ingengo y'imari y'umwaka ushize;	3° preparing and submitting to the Board of Directors the Budget proposal of the following year and the Budget execution reports of the previous year;	3° élaborer et soumettre au Conseil d'Administration l'avant-projet de budget pour l'exercice suivant ainsi que le rapport d'exécution du budget pour l'exercice précédent ;
4° gushyira mu bikorwa ingengo y'imari no gucunga umutungo w'Ikigeza;	4° executing the budget and managing the property of the Fund;	4° assurer l'exécution du budget et la gestion du patrimoine du Fonds ;
5° gukurikirana imicungire y'abakozi b'Ikigeza akurikije amategeko;	5° ensuring the management of the personnel of the Fund in accordance with the Law;	5° assurer la gestion du personnel du Fonds conformément à la loi ;
6° kumenyesha mu nyandiko Inama y'Ubuyobozi imigendekere n'ibikorwa by'Ikigeza, nibura rimwe mu gihembwe;	6° informing, in writing, the Board of Directors the progress and the activities of the Fund at least once a term;	6° informer par écrit au moins une fois par trimestre le Conseil d'Administration de l'état d'avancement des activités du Fonds ;
7° guhagararira Ikigeza imbere y'amategeko ;	7° representing the Fund before the Law;	7° représenter le Fonds devant la loi ;
8° gutegurira Inama y'Ubuyobozi abagomba guhabwa inkunga, ingano n'ubwoko bwayo n'ibigenderwaho mu kuyitanga .	8° determining, for the Board of Directors, people who shall be assisted, the quantity and nature of the assistance as well as criteria for its distribution;	8° déterminer pour le compte du Conseil d'Administration les bénéficiaires de l'assistance, sa quantité et sa nature ainsi que les critères d'attribution.
Hagati y'Inama y'Ubuyobozi n'Ubuyobozi bw'Ikigeza	There shall be concluded between the Board of	Est signé, entre le Conseil d'Administration et la

hakorwa amasezerano yerekeye gahunda y'ibikorwa agaragaza nibura inshingano za buri ruhande n'ibyangombwa bikenewe kugira ngo Ikigega kigere ku nshingano zacyo.

Directors and the Management a contract of performance indicating at least the responsibilities of each party and the conditions required in order for the Fund to fulfil its attributions.

Direction, un contrat de performance déterminant au moins les obligations de chaque partie et les besoins nécessaires à la réalisation de la mission du Fonds.

**Ingingo ya 17: Umwanditsi w'Inama y'Ubuyobozi**

**Article 17: Rapporteur of the Board of Directors**

**Article 17 : Rapporteur du Conseil d'Administration**

Umuyobozi w'Ikigega akurikira inama z'Inama y'Ubuyobozi akazibera umwanditsi. Ashobora kuzitangamo ibitekerezo ariko ntatora mu ifatwa ry'ibyemezo.

The Director of the Fund shall attend the meeting of the Board of Directors and shall serve as their rapporteur. He or she may give views but he or she does not vote during decision making.

Le Directeur du Fonds assiste aux réunions du Conseil d'Administration et en est le rapporteur. Il peut participer aux débats du Conseil mais sans voix délibérative.

Umuyobozi w'Ikigega ntajya mu nama zifata ibyemezo ku bibazo bimureba; icyo gihe Inama y'Ubuyobozi yitoramo umwanditsi.

The Director of the Fund shall not participate in the meetings that take decisions on issues that concern him/her. In that case, the Board of Directors shall elect from among itself a rapporteur.

Il est interdit au Directeur du Fonds de prendre part aux réunions du Conseil d'Administration qui traitent des points qui le concernent personnellement. Dans ce cas, le Conseil d'Administration élit en son sein un rapporteur.

Amategeko ngengamikorere y'Ikigega agena umusimbura iyo adahari.

The internal rules and regulations of the Fund shall determine his/her substitute in case of his/her absence.

Le Règlement d'Ordre Intérieur du Fonds détermine son remplaçant en cas d'absence.

**Ingingo ya 18: Ibigenerwa Umuyobozi n'abakozi b'Ikigega**

**Article 18: Benefits accorded to the Director of the Fund**

**Article 18 : Avantages accordés au Directeur et au personnel du Fonds**

Ibyo Umuyobozi n'abakozi b'Ikigega bagenerwa biteganywa n'amategeko agenga ibyo abakozi b'ibigo bya Leta bagenerwa.

Benefits entitled to the Director and the personnel of the Fund shall be determined in accordance with legal provisions that govern the personnel of public institutions.

Les avantages accordés au Directeur et au personnel du Fonds sont déterminés conformément aux lois régissant la rémunération du personnel des établissements publics.

**Ingingo ya 19: Imiterere n'inshingano by'inzego z'imirimo y'Ikigega n'imirimo y'abakozi**

**Article 19: Organisational structure and management of staff**

**Article 19 : Organisation et cadre organique du Fonds ainsi que la gestion du personnel**

Imiterere n'inshingano by'inzego z'imirimo kimwe n'amashami by'Ikigega bigenwa n'Iteka rya Minisitiri

The organisational structure as well as the branches of the Fund shall be determined by a Prime Minister's

L'organisation et le cadre organique du Fonds sont déterminés par arrêté du Premier Ministre sur

w'Intebe, abisabwe na Minisitiri ureberera Ikigega, amaze kumva icyo Inama y'Ubuyobozi ibivugaho.

Order, upon proposal by the Minister supervising the Fund, after consulting with the Board of Directors.

proposition du Ministre de tutelle du Fonds, après avis du Conseil d'administration.

Abakozi b'Ikigega bagengwa n'amategeko rusange agenga abakozi ba Leta n'inzego z'imirimo ya Leta.

The personnel of the Fund shall be governed by the general statutes governing Rwanda Public Service.

Le personnel du Fonds est régi par le Statut général de la fonction publique rwandaise.

## **UMUTWE WA V: UBUBASHA BW'IKIGEGA**

## **CHAPTER V: COMPETENCE OF THE FUND**

## **CHAPITRE V : COMPETENCE DU FONDS**

### **Ingingo ya 20: Gukurikirana indishyi**

### **Article 20: Civil Action**

### **Article 20 : Action civile**

Ikigega ni cyo cyonyine gifite ububasha bwo gukurikirana indishyi mu izina ry'abakorewe icyaha cya jenocide yakorewe Abatutsi n'ibindi byaha byibasiye inyokomuntu, ku bahamwe n'ibyaha bibashyira mu rwego rwa mbere.

Only the Fund is entitled to undertake civil action on behalf of the victims of the Tutsi genocide, and other crimes against humanity, against persons convicted of crimes classifying them in the first category.

Seul le Fonds a la compétence d'intenter toute action civile au nom des victimes du génocide perpétré contre les Tutsi et autres crimes contre l'humanité, contre des personnes reconnues coupables des infractions de la première catégorie.

### **Ingingo ya 21: Kunganira Ikigega mu ikurikirana ry'indishyi**

### **Article 21: Assisting the Fund in civil action**

### **Article 21: Assistance prêtée au Fonds en matière d'action civile**

Umuntu wese wakorewe icyaha cya jenocide yakorewe Abatutsi cyangwa undi wese ubifitemo inyungu, abisabwe cyangwa abyibwirije, ashobora kunganira Ikigega mu rubanza rw'indishyi ku bakurikiranyweho ibyaha bibashyira mu rwego rwa mbere.

Any Genocide against the Tutsi victim or any other interested party, upon request or at own initiative, may assist the Fund during legal proceedings against genocide suspects that classify them in the first category claim damages.

Toute victime du crime de génocide perpétré contre les Tutsi ou toute autre personne intéressée, à la demande ou sur sa propre initiative, peut assister le Fonds au cours d'une action civile contre les personnes rangées dans la première catégorie.

Icyakora, kunganira ikigega ntibihesha uwakorewe icyaha uburenganzira bwo guhabwa izo ndishyi kuko zikusanyirizwa mu kigega kugira ngo zitangweho inkunga yo gushyigikira no gutera inkunga abarokotse, nk'uko biteganywa n'iri tegeko.

However, such assistance to the Fund shall not guarantee the survivor the right to damages for the assistance is gathered in the Fund in order to be distributed to the survivors as provided for by this Law.

Toutefois une telle assistance ne confère pas à la victime le droit aux dommages et intérêts, ceux-ci sont versés au Fonds pour être distribués, en guise de soutien et d'assistance aux rescapés, conformément à la présente loi.

**UMUTWE WA VI: UMUTUNGO W'IKIGEGA N'IMARI**

**Ingingo ya 22: Umutungo w'Ikigega n'aho ukomoka**

Umutungo w'Ikigega ugizwe n'ibintu byimukanwa n'ibitimukanwa.

Ukomoka kuri ibi bikurikira:

- 1° amafaranga atangwa na Leta ahwanye n'atandatu ku ijana (6%) by'amafaranga yinjiza ubwayo mu ngengo y'imari isanzwe ya buri mwaka;
- 2° inkunga zitanzwe n'inshuti n'abagiraneza yaba abantu ku giti cyabo cyangwa imiryango n'amashyirahamwe;
- 3° inkunga y'Ibihugu n'Imiryango Mpuzamahanga;
- 4° inyungu Leta ikura mu irangiza ry'igihano nsimburagifungo cy'imirimo ifitiye Igihugu akamaro ;
- 5° indishyi zitangwa n'abahamwe n'ibyaha bya jenocide yakorewe Abatutsi byabashyize mu rwego rwa mbere;
- 6° inyungu zikomoka ku mitungo no ku mari yabikijwe ;
- 7° umutungo wari uw'Ikigega cya Leta cyagenewe

**CHAPTER VI: PROPERTY AND FINANCES**

**Article 22: Property of the Fund and its sources**

The property of the Fund shall be comprised of movables and immovables.

It shall come from the following:

- 1° government contributions amounting to six per cent (6%) of annual domestic income of the state ordinary budget;
- 2° grants from friends and well wishers whether individuals or organisations and associations;
- 3° grants from foreign countries and International organisations;
- 4° profits made from the execution of the community service as alternative to imprisonment;
- 5° damages payable by persons convicted of participating in Genocide against the Tutsi that classified them in the first category;
- 6° interests derived from investments and deposits;
- 7° former property of the National Fund for

**CHAPITRE VI: PATRIMOINE ET FINANCES**

**Article 22 : Patrimoine du Fonds et ses sources**

Le patrimoine du Fonds comprend les biens meubles et immeubles.

Il provient des sources suivantes :

- 1° contribution de l'Etat égale à six pour cent (6%) des recettes internes annuelles versées sur le budget ordinaire de l'Etat;
- 2° contributions données au Fonds par les amis et bienfaiteurs, personnes physiques, associations ou organisations ;
- 3° contribution donnée au Fonds par les pays étrangers et organisations internationales ;
- 4° plus-value générée par l'exécution de la peine alternative à l'emprisonnement des travaux d'intérêt général ;
- 5° dommages et intérêts à charge des personnes reconnues coupables des crimes de génocide perpétré contre les Tutsi rangées dans la première catégorie;
- 6° intérêts provenant des placements dans les banques ;
- 7° patrimoine de l'ancien Fonds National pour

gutera inkunga abakorewe icyaha cy'itsembabwoko n'itsembatsemba batishoboye byakozwe mu Rwanda hagati y'itariki ya mbere Ukwakira 1990 n'ya 31 Ukuboza 1994;

assistance to victims of genocide and massacres perpetrated in Rwanda from 01 October 1990 to 31 December 1994;

l'assistance aux victimes les plus nécessiteuses du génocide et des massacres perpétrés au Rwanda entre le 01 octobre 1990 et le 31 décembre 1994;

8° impano n'indagano;

8° donations and bequests;

8° dons et legs ;

9° ikindi cyose Minisitiri ireberera ikigega yabona cyatuma umutungo w'Ikigega wiyongera mu gihe bitanyuranyije n'amategeko.

9° any other means that the Ministry supervising the Fund may find necessary to increase the property of the Fund provided that they are not in contradiction with the Law.

9° tout ce que le Ministère de tutelle du Fonds juge susceptible d'accroître le patrimoine pourvu qu'il ne soit pas contraire à la législation en vigueur.

**Ingingo ya 23: Uburyo Ikigega gikurikirana kandi kigakusanya inkunga zikigenewe**

**Article 23: Modalities for monitoring and collecting of resources intended for the Fund**

**Article 23: Modalités de recouvrement et de mobilisation des ressources destinées au Fonds**

Iteka rya Minisitiri ufite imibereho myiza mu nshingano ze rigena uburyo Ikigega gikusanya inkunga zikigenewe.

An Order of the Minister in charge of Social Affairs shall set up mode of mobilisation and collection of resources assigned to the Fund.

Un arrêté du Ministre ayant les affaires sociales dans ses attributions détermine les modalités de recouvrement et de mobilisation des ressources destinées au Fonds.

**Ingingo ya 24: Imikoreshereze, imicungire n'imigenzurire by'umutungo**

**Article 24: Utilization, management and audit of the property**

**Article 24: Utilisation, gestion et audit du patrimoine**

Umutungo w'Ikigega ukoreshwa gusa ibiteganywa n'iri tegeko.

The property of the Fund shall only be used for the purposes provided for by this Law.

Le patrimoine du fonds n'est utilisé que pour des objectifs prévus par la présente loi.

Imikoreshereze, imicungire n'imigenzurire by'umutungo w'Ikigega bikorwa hakurikijwe amategeko abigenga. Ubugenzuzi bushinzwe igenzura rya buri muni ry'imikoreshereze y'umutungo w'Ikigega buha raporo Inama y'Ubuyobozi, bukagenera kopi Umuyobozi w'Ikigega.

The use, management and financial audit of the Fund shall be carried out in accordance with the related rules. The service of internal audit of the Fund shall make a report to the Board of Directors and reserve a copy to the Director of the Fund.

L'utilisation, la gestion et l'audit du patrimoine du Fonds sont effectués conformément aux dispositions légales en la matière. Le service de l'audit interne du Fonds transmet son rapport au Conseil d'Administration et réserve copie au Directeur du Fond.

**Ingingo ya 25: Iyemezwa n'icungwa ry'ingengo y'imari y'Ikigega**

Ingengo y'imari y'Ikigega yemezwa kandi igacungwa hakurikijwe amategeko abigenga.

**UMUTWE WA VII: ABAGENERWA INKUNGA N'IKIGEGA**

**Ingingo ya 26: Uburyo Ikigega gitangamo inkunga**

Ugenerwa inkunga n'Ikigega ni uwarokotse jenocide yakorewe Abatutsi n'ibindi byaha byibasiye inyoko muntu uhereye ku batishoboye kurusha abandi bakubiye mu byiciro bikurikira :

- 1° abagizwe imfubyi n'abapfakajwe na jenocide n'ibindi byaha byibasiye inyokomuntu;
- 2° abasheshe akanguhe bagizwe incike na jenocide n'ibindi byaha byibasiye inyokomuntu;
- 3° abasenyewe inyubako, abasahuwe imitungo inyuranye n'abasigiwe imyenda y'amabanki ;
- 4° abamugajwe muri jenocide yakorewe Abatutsi n'ibindi byaha byibasiye inyokomuntu, abandujwe agakoko gatera SIDA n'abafite ubundi burwayi budakira cyangwa bukomeye ;

Abandi Ikigega giheraho mu gutanga inkunga ni

**Article 25: Approval and Management of the budget of the Fund**

The budget of the Fund is approved and managed in accordance with relevant legal provisions.

**CHAPTER VII: BENEFICIARIES OF THE FUND'S ASSISTANCE AND SUPPORT**

**Article 26: Modalities for distribution of support and assistance**

The beneficiary of support and assistance from the Fund is any Genocide against the Tutsi and other crimes against humanity survivor with priority given to the neediest classified in the following categories:

- 1° orphans and widows as a result of genocide and other crimes against humanity;
- 2° elderly people whose families have been exterminated as a result of the Genocide against the Tutsi and other crimes against humanity;
- 3° people whose buildings were destroyed, property looted, and those who inherited debts contracted with banks;
- 4° people who became handicapped in the course of the Tutsi genocide, the AIDS infected and persons with incurable or deadly diseases;

Other priority beneficiaries of support and assistance are

**Article 25: Adoption et gestion du budget du Fonds**

Le budget du Fonds est adopté et géré conformément aux dispositions légales en la matière.

**CHAPITRE VII: BENEFICIAIRES DU SOUTIEN ET DE L'ASSISTANCE DU FONDS**

**Article 26: Modalités de distribution du soutien et de l'assistance du Fonds**

Le bénéficiaire du soutien et de l'assistance du Fonds est tout rescapé du génocide perpétré contre les Tutsi et autres crimes contre l'humanité en commençant par les plus nécessaires rangés dans les catégories suivantes:

- 1° les orphelins et les veufs du génocide et autres crimes contre l'humanité ;
- 2° les personnes âgées dépourvues de familles suite au génocide et autres crimes contre l'humanité ;
- 3° les personnes dont les constructions ont été détruites, les biens pillés, ou qui ont hérité des dettes contractées auprès des banques ;
- 4° les personnes qui ont été rendues invalides par le génocide perpétré contre les Tutsi et autres crimes contre l'humanité, celles qui ont été infectées du SIDA et d'autres maladies incurables ou graves ;

Les autres bénéficiaires prioritaires du soutien et de



abatishoboye kurusha abandi bakubiye mu byiciro bikurikira:

- 1° abavutse ku bana b'imfubyi babyaye batarageza ku myaka cumi n'umunani (18) kubera ubuzima bubi batewe na jenocide yakorewe abatutsi n'ibindi byaha byibasiye inyoko muntu ;
- 2° abana bavutse ku babyeyi barokotse jenocide yakorewe Abatutsi n'ibindi byaha byibasiye inyokomuntu abana n'indwara zidakira cyangwa n'ubumuga batewe mu gihe cya jenocide yakorewe Abatutsi n'ibindi byaha byibasiye inyokomuntu.

the needy who fall in the following categories:

- 1° children born from orphan mothers who have not yet attained eighteen (18) years of age due to impoverished life as a result of genocide and crimes against humanity;
- 2° children born from parents who are survivors of the Genocide against the Tutsi and other crimes against humanity, children with incurable diseases or any disabilities inflicted during the Genocide against the Tutsi and other crimes against humanity.

l'assistance du Fonds sont les bénéficiaires plus nécessaires rangés dans les catégories suivantes:

- 1° les enfants nés des mères orphelines âgées de moins de dix-huit (18) ans suite aux conditions de vie dures liées au génocide perpétré contre les Tutsi et autres crimes contre l'humanité ;
- 2° les enfants nés des parents rescapés du génocide perpétré contre les Tutsi et autres crimes contre l'humanité ayant des maladies incurables ou autres handicaps résultant du génocide perpétré contre les Tutsi et autres crimes contre l'humanité.

**Ingingo ya 27: Abatemerewe inkunga y'Ikigega**

Abantu bagize uruhare muri jenocide n'ibindi byaha byibasiye inyokomuntu ntibashobora guhabwa inkunga n'Ikigega.

**Article 27: Persons excluded from the support and assistance of the Fund**

Persons who participated in genocide and other crimes against humanity shall not be entitled to any support and assistance from the Fund.

**Article 27 : Non éligibilité au soutien et à l'assistance du Fonds**

Les personnes ayant participé au génocide et autres crimes contre l'humanité ne peuvent pas bénéficier du soutien et de l'assistance du Fonds.

**UMUTWE WA VIII: INGINGO ZISOZA**

**CHAPTER VIII : FINAL PROVISIONS**

**CHAPITRE VII : DISPOSITIONS FINALES**

**Ingingo ya 28: Ururimi iri tegeko ryateguwemo**

Iri tegeko ryateguwe mu rurimi rw'Ikinyarwanda risuzumwa kandi ritorwa mu rurimi rw'Ikinyarwanda.

**Article 28: Language of preparation of this Law**

This Law was prepared, examined and adopted in Kinyarwanda

**Article 28 : Langue d'élaboration de la présente loi**

La présente loi a été élaborée en kinyarwanda, examinée et votée en kinyarwanda

**Ingingo ya 29: Ivanwaho ry'ingingo z'amategeko zinyuranyije n'iri tegeko**

Itegeko n° 02/98 ryo ku wa 22/01/1998 rishyiraho

**Article 29: Repealing provision**

The Law n° 02/98 of 22/01/1998 establishing the Fund

**Article 29 : Disposition abrogatoire**

La Loi n° 02/98 du 22/01/1998 portant création du

Ikigega cya Leta cyagenewe gutera inkunga abakorewe icyaha cy'itsembabwoko n'itsembatsemba batishoboye byakozwe mu Rwanda hagati y'itariki ya mbere Ukwakira 1990 n'ya 31 Ukuboza 1994, nk'uko ryahinduwe kandi rikuzuzwa kugeza ubu n'ingingo zose z'amategeko abanziriza iri kandi zinyuranyije na ryo bivanyweho.

**Ingingo ya 30: Igihe itegeko ritangira gukurikizwa**

Iri tegeko ritangira gukurikizwa ku muni ritangarijweho mu Igazeti ya Leta ya Repubulika y'u Rwanda.

Kigali, kuwa **30/12/2008**

Perezida wa Repubulika

**KAGAME Paul**  
(sé)

Minisitiri w'Intebe

**MAKUZA Bernard**  
(sé)

**Bibonywe kandi bishyizweho Ikirango cya Repubulika :**

Minisitiri w'Ubutabera/ Intumwa Nkuru ya Leta  
**KARUGARAMA Tharcisse**  
(sé)

for the support and assistance to the survivors of genocide and other crimes against humanity, committed between 1<sup>st</sup> October 1990 and 31<sup>st</sup> December 31 1994 as modified and complemented to date as well as all prior legal provisions contrary to this Law are hereby repealed.

**Article 30: Commencement**

This Law shall come into force on the date of its publication in the Official Gazette of the Republic of Rwanda.

Kigali, on **30/12/2008**

The President of the Republic

**KAGAME Paul**  
(sé)

The Prime Minister

**MAKUZA Bernard**  
(sé)

**Seen and Sealed with the Seal of the Republic:**

The Minister of Justice/Attorney General  
**KARUGARAMA Tharcisse**  
(sé)

Fonds National pour l'assistance aux victimes les plus nécessiteuses du génocide et des massacres perpétrés au Rwanda entre le 01 octobre 1990 et le 31 décembre 1994, telle que modifiée et complétée à ce jour ainsi que toutes les dispositions légales antérieures contraires à la présente loi sont abrogées.

**Article 30: Entrée en vigueur**

La présente loi entre en vigueur le jour de sa publication au Journal Officiel de la République du Rwanda.

Kigali, le **30/12/2008**

Le Président de la République

**KAGAME Paul**  
(sé)

Le Premier Ministre

**MAKUZA Bernard**  
(sé)

**Vu et Scellé du Sceau de la République:**

Le Ministre de la Justice/Garde des Sceaux  
**KARUGARAMA Tharcisse**  
(sé)

<b>ITEGEKO N°03/2009 RYO KUWA 27/03/2009 RISHYIRAHU IKIGO CYA LETA GISHINZWE GUTEZA IMBERE UBUMENYINGIRO N'IMYIGIRISHIRIZE Y'IMYUGA MU RWANDA (WDA) RIKANAGENA INSHINGANO, IMITERERE N'IMIKORERE BYACYO</b>	<b>LAW N°03/2009 OF 27/03/2009 ESTABLISHING THE WORKFORCE DEVELOPMENT AUTHORITY (WDA) AND DETERMINING ITS RESPONSIBILITIES, ORGANISATION AND FUNCTIONING</b>	<b>LOI N°03/2009 DU 27/03/2009 PORTANT CREATION DE L'OFFICE RWANDAIS DE DEVELOPPEMENT DE LA MAIN D'OEUVRE (WDA) ET DETERMINANT SES ATTRIBUTIONS, SON ORGANISATION ET SON FONCTIONNEMENT</b>
<b><u>ISHAKIRO</u></b>	<b><u>TABLE OF CONTENTS</u></b>	<b><u>TABLE DES MATIERES</u></b>
<b><u>UMUTWE WA MBERE: INGINGO RUSANGE</u></b>	<b><u>CHAPTER ONE: GENERAL PROVISIONS</u></b>	<b><u>CHAPITRE PREMIER: DISPOSITIONS GENERALES</u></b>
<b><u>Ingingo ya mbere: Ishyirwaho ry'Ikigo</u></b>	<b><u>Article One: Establishment of the Authority</u></b>	<b><u>Article premier: Création de l'Office</u></b>
<b><u>Ingingo ya 2: Icyicaró</u></b>	<b><u>Article 2: Head Office</u></b>	<b><u>Article 2 : Siège</u></b>
<b><u>UMUTWE WA II: INSHINGANO ZA WDA</u></b>	<b><u>CHAPTER II: MISSIONS OF WDA</u></b>	<b><u>CHAPITRE II: MISSIONS DE WDA</u></b>
<b><u>Ingingo ya 3: Inshingano za WDA</u></b>	<b><u>Article 3: Missions of WDA</u></b>	<b><u>Article 3 : Missions de WDA</u></b>
<b><u>UMUTWE WA III: URWEGO RUREBERERA WDA</u></b>	<b><u>CHAPTER III: SUPERVISING AUTHORITY OF WDA</u></b>	<b><u>CHAPITRE III: ORGANE DE TUTELLE DE WDA</u></b>
<b><u>Ingingo ya 4: Urwego rureberera WDA</u></b>	<b><u>Article 4: Supervising authority of WDA</u></b>	<b><u>Article 4 : Organe de tutelle de WDA</u></b>
<b><u>Ingingo ya 5: Amasezerano hagati ya WDA n'urwego ruyireberera</u></b>	<b><u>Article 5: Performance contract between WDA and its Supervising authority</u></b>	<b><u>Article 5: Contrat de performance entre WDA et son organe de tutelle</u></b>

<b><u>Ingingo ya 6: Komite Ngishwanama</u></b>	<b><u>Article 6: Advisory Committee</u></b>	<b><u>Article 6: Comité consultatif</u></b>
<b><u>UMUTWE WA IV: IMITERERE N’IMIKORERE BYA WDA</u></b>	<b><u>CHAPTER IV: ORGANISATION AND FUNCTIONING OF WDA</u></b>	<b><u>CHAPITRE IV: ORGANISATION ET FONCTIONNEMENT DE WDA</u></b>
<b><u>Ingingo ya 7: Inzego z’Ubuyobozi za WDA</u></b>	<b><u>Article 7: WDA administrative organs</u></b>	<b><u>Article 7: Organes administratifs de WDA</u></b>
<b><u>Iciviro cya mbere: Inama y’Ubuyobozi</u></b>	<b><u>Section one: Board of Directors</u></b>	<b><u>Section première: Du Conseil d’Administration</u></b>
<b><u>Ingingo ya 8 : Ishyirwaho ry’Inama y’Ubuyobozi</u></b>	<b><u>Article 8: Establishment of the Board of Directors</u></b>	<b><u>Article 8: Mise en place du Conseil d’Administration</u></b>
<b><u>Ingingo ya 9: Inshingano z’Inama y’Ubuyobozi</u></b>	<b><u>Article 9: Responsibilities of the Board of Directors</u></b>	<b><u>Article 9: Attributions du Conseil d’Administration</u></b>
<b><u>Ingingo ya 10: Inama z’Inama y’Ubuyobozi</u></b>	<b><u>Article 10: Board meetings</u></b>	<b><u>Article 10: Réunions du Conseil d’Administration</u></b>
<b><u>Ingingo ya 11: Abandi bashobora gutumirwa mu nama z’Inama y’Ubuyobozi</u></b>	<b><u>Article 11: Invitation of other persons to Board meetings</u></b>	<b><u>Article 11: Invitation d’autres personnes aux réunions du Conseil d’Administration</u></b>
<b><u>Ingingo ya 12: Ibyemezo by’Inama y’Ubuyobozi</u></b>	<b><u>Article 12: Resolutions of the Board of Directors</u></b>	<b><u>Article 12: Résolutions du Conseil d’Administration</u></b>
<b><u>Ingingo ya 13: Ibigenerwa abagize Inama y’Ubuyobozi</u></b>	<b><u>Article 13: Sitting allowances of the Board Members</u></b>	<b><u>Article 13: Jetons de présence alloués aux membres du Conseil d’Administration</u></b>
<b><u>Ingingo ya 14: Ibubijwe ku bagize Inama y’Ubuyobozi</u></b>	<b><u>Article 14: Incompatibilities</u></b>	<b><u>Article 14: Incompatibilités</u></b>
<b><u>Ingingo ya 15: Impamvu zituma uri mu Nama y’Ubuyobozi avamo</u></b>	<b><u>Article 15: Reasons for loss of membership of the Board of Directors</u></b>	<b><u>Article 15: Motifs de perte de la qualité de membre du Conseil d’Administration</u></b>

<b><u>Icyiciro cya 2:</u> Ubuyobozi n'inzezo z'imirimu bya WDA</b>	<b><u>Section 2:</u> Management and job classification of WDA</b>	<b><u>Section 2:</u> Direction et cadre organique de WDA</b>
<b><u>Ingingo ya 16:</u> Ubuyobozi bwa WDA</b>	<b><u>Article 16:</u> Management of WDA</b>	<b><u>Article 16:</u> Direction de WDA</b>
<b><u>Ingingo ya 17:</u> Inshingano z'Umuyobozi</b>	<b><u>Article 17:</u> Responsibilities of the Director</b>	<b><u>Article 17:</u> Attributions du Directeur</b>
<b><u>Ingingo ya 18:</u> Inshingano z'Umuyobozi Wungirije Ushinzwe amasomo</b>	<b><u>Article 18:</u> Responsibilities of the Deputy Director in charge of training</b>	<b><u>Article 18:</u> Attributions du Directeur Adjoint chargé de la formation</b>
<b><u>Ingingo ya 19:</u> Inshingano z'Umuyobozi Wungirije ushinzwe guhuza ibyigishwa n'ibikenewe ku isoko ry'umurimo</b>	<b><u>Article 19:</u> Responsibilities of the Deputy Director in charge of industry-based training</b>	<b><u>Article 19:</u> Attributions du Directeur Adjoint chargé de l'adéquation formation-emploi</b>
<b><u>Ingingo ya 20:</u> Amasezerano hagati y'Ubuyobozi n'Inama y'Ubuyobozi</b>	<b><u>Article 20:</u> Performance contract between the Management and the Board of Directors</b>	<b><u>Article 20:</u> Contrat de performance entre la Direction et le Conseil d'Administration</b>
<b><u>Ingingo ya 21:</u> Ibyo abakozi bagenerwa</b>	<b><u>Article 21:</u> Staff benefits</b>	<b><u>Article 21:</u> Avantages alloués au personnel</b>
<b><u>Ingingo ya 22:</u> Imiterere n'inshingano by'inzezo z'imirimu</b>	<b><u>Article 22:</u> Structure and job classification</b>	<b><u>Article 22 :</u> Structure et Cadre organique</b>
<b><u>UMUTWE WA V:</u> UMUTUNGO N'IMARI</b>	<b><u>CHAPTER V:</u> PROPERTY AND FINANCE</b>	<b><u>CHAPITRE V:</u> PATRIMOINE ET FINANCES</b>
<b><u>Ingingo ya 23:</u> Ibigize umutungo n'aho ukomoka</b>	<b><u>Article 23:</u> Composition and sources of property</b>	<b><u>Article 23:</u> Composition et sources du patrimoine</b>
<b><u>Ingingo ya 24:</u> Imikoreshereze, imicungire n'imigenzurire by'umutungo wa WDA</b>	<b><u>Article 24:</u> Use, Management and audit of WDA property</b>	<b><u>Article 24:</u> Utilisation, gestion et audit du patrimoine de WDA</b>
<b><u>Ingingo ya 25:</u> Ingengo y'imari ya WDA</b>	<b><u>Article 25:</u> Budget of WDA</b>	<b><u>Article 25:</u> Budget de WDA</b>

**UMUTWE WA VI: INGINGO ZISOZA**

**Ingingo ya 26:** Itegurwa n'isuzumwa ry'iri tegeko

**Ingingo ya 27 :** Ivanwaho ry'ingingo z'amategeko zinyuranyije n'iri tegeko

**Ingingo ya 28 :** Igihe iri tegeko ritangira gukurikizwa

**CHAPTER VI: FINAL PROVISIONS**

**Article 26:** Drafting and consideration of this Law

**Article 27:** Repealing of inconsistent provisions

**Article 28:** Commencement

**CHAPITRE VI: DISPOSITIONS FINALES**

**Article 26:** Initiation et examen de la présente Loi

**Article 27 :** Disposition abrogatoire

**Article 28:** Entrée en vigueur

**ITEGEKO N°03/2009 RYO KUWA RISHYIRAHO IKIGO CYA LETA GISHINZWE GUTEZA IMBERE UBUMENYINGIRO N'IMYIGIRISHIRIZE Y'IMYUGA MU RWANDA (WDA) RIKANAGENA INSHINGANO, IMITERERE N'IMIKORERE BYACYO**

**Twebwe, KAGAME Paul,**  
Perezida wa Repubulika;

**INTEKO ISHINGA AMATEGEKO YEMEJE, NONE NATWE DUHAMUJE, DUTANGAJE ITEGEKO RITEYE RITYA, KANDI DUTEGETSE KO RYANDIKWA MU IGAZETI YA LETA YA REPUBULIKA Y'U RWANDA**

**INTEKO ISHINGA AMATEGEKO:**

Umutwe w'Abadepite, mu nama yawo yo ku wa 09 Werurwe 2009;

Umutwe wa Sena, mu nama yawo yo ku wa 20 Mutarama 2009;

Ishingiye ku Itegeko Nshinga rya Repubulika y'u Rwanda ryo kuwa 04 Kamena 2003, nk'uko ryavugururwe kugeza ubu, cyane cyane mu ngingo zaryo,

**LAW N°03/2009 OF 27/03/2009 ESTABLISHING THE WORKFORCE DEVELOPMENT AUTHORITY AND DETERMINING ITS MISSIONS, ORGANISATION AND FUNCTIONING**

**We, KAGAME Paul,**  
President of the Republic;

**THE PARLIAMENT HAS ADOPTED, AND WE SANCTION, PROMULGATE THE FOLLOWING LAW AND ORDER IT BE PUBLISHED IN THE OFFICIAL GAZETTE OF THE REPUBLIC OF RWANDA**

**THE PARLIAMENT:**

The Chamber of Deputies, in its session of 09 March 2009;

The Senate, in its session of 20 January 2009;

Pursuant to the Constitution of the Republic of Rwanda of 04 June 2003, as amended to date, especially in Articles 40, 62, 66, 67, 88, 89, 90,

**LOI N° 03/2009 DU 27/03/2009 PORTANT CREATION DE L'OFFICE RWANDAIS DE DEVELOPPEMENT DE LA MAIN D'OEUVRE (WDA) ET DETERMINANT SES ATTRIBUTIONS, SON ORGANISATION ET SON FONCTIONNEMENT**

**Nous, KAGAME Paul,**  
Président de la République;

**LE PARLEMENT A ADOPTE ET NOUS SANCTIONNONS, PROMULGUONS LA LOI DONT LA TENEUR SUIT ET ORDONNONS QU'ELLE SOIT PUBLIEE AU JOURNAL OFFICIEL DE LA REPUBLIQUE DU RWANDA**

**LE PARLEMENT :**

La Chambre des Députés, en sa séance du 09 mars 2009;

Le Sénat, en sa séance du 20 janvier 2009 ;

Vu la Constitution de la République du Rwanda du 04 juin 2003 telle que révisée à ce jour, spécialement en ses articles 40, 62, 66, 67, 88 ,

iya 40, iya 62, iya 66, iya 67, iya 88, iya 89, iya 90, iya 92, iya 93, iya 95, iya 108, iya 118, iya 183 n'iya 201;

Ishingiye ku Itegeko Ngenza no 14/2004 ryo kuwa 26/05/2004 rishyiraho amategeko rusange yerekeye ibigo bya Leta nk'uko ryahinduwe kandi ryujujwe kugeza ubu;

Ishingiye ku Itegeko Ngenza n° 20/2003 ryo kuwa 03/08/2003 rigena imiterere y'uburezi;

**YEMEJE:**

**UMUTWE WA MBERE: INGINGO  
RUSANGE**

**Ingingo ya mbere: Ishyirwaho ry'Ikigo**

Iri tegeko rishyiraho Ikigo cya Leta gishinzwe guteza imbere ubumenyigiro n'imyigishirize y'imyuga cyitwa "Workforce Development Authority" (WDA) mu magambo ahinnye y'icyongereza rikanagena inshingano, imiterere n'imikorere byacyo,.

WDA iri mu cyiciro cy'ibigo bya Leta bifite inshingano zo gutanga amabwiriza no guteza imbere ibikorwa by'ubukungu, iby'imibereho myiza n'ibindi bigamije inyungu rusange.

92, 93, 95, 108, 118, 183 and 201;

Pursuant to Organic Law n° 14/2004 of 26/05/2004 establishing the general provisions governing public institutions as modified and complemented to date;

Pursuant to Organic Law n° 20/2003 of 03/08/2003 organising education;

**ADOPTS:**

**CHAPTER ONE: GENERAL PROVISIONS**

**Article One: Establishment of the Authority**

This Law establishes the Government Workforce Development Authority, abbreviated as WDA and determines its missions, organisation and functioning.

WDA falls within the category of public institutions which are entrusted with regulatory responsibilities and development of economic and social activities and other activities of general interest.

89, 90, 92, 93, 95, 108, 118, 183 et 201;

Vu la Loi Organique n° 14/2004 du 26/05/2004 portant dispositions générales applicables aux établissements publics telle que modifiée et complétée à ce jour;

Vu la Loi Organique n° 20/2003 du 03/08/2003 portant organisation de l'éducation;

**ADOpte:**

**CHAPITRE PREMIER: DISPOSITIONS  
GENERALES**

**Article premier: Création de l'Office**

La présente loi porte création, missions, organisation et fonctionnement de l'Office Rwandais de Développement de la Main-d'œuvre, dénommé « WDA » en sigle anglais.

WDA rentre dans la catégorie des établissements publics de régulation et de promotion des activités économiques, sociales et d'autres activités d'intérêt général.



WDA ifite ubuzimagatozi n'ubwigenge mu miyoborere, mu micungire y'umutungo n'abakozi bayo kandi icungwa hakurikijwe amategeko agenga inzego z'imirimo ya Leta.

**Ingingo ya 2: Icyicaro**

Icyicaro cya WDA kiri mu Mujyi wa Kigali, Umurwa Mukuru wa Repubulika y'u Rwanda. Gishobora kwimurirwa ahandi hose mu Rwanda igihe bibaye ngombwa.

WDA igira amashami yitwa "Integrated Polytechnic Regional Centres" muri buri Ntara n'Umujyi wa Kigali. Umubare wayo ushobora guhinduka byemejwe n'Iteka rya Minisitiri w'Intebe.

**UMUTWE WA II: INSHINGANO ZA WDA**

**Ingingo ya 3: Inshingano za WDA**

Inshingano nkuru ya WDA ni uguteza imbere no gutanga umurongo ngenderwaho mu bijyanye n'ubumenyingingiro bw'abaturarwanda kugira ngo bashobore kubona imirimo no guhangana ku isoko ry'akazi, hifashishijwe uburyo bunoze bwo kwigisha imyuga, "TVET" mu magambo ahinnye y'icyongereza.

By'umwihariko WDA ishinzwe ibi bikurikira:

WDA shall have legal personality, enjoy administrative and financial autonomy and be governed in accordance with laws governing Public Service organs.

**Article 2: Head Office**

The Head Office of WDA shall be located in Kigali City, the Capital City of the Republic of Rwanda. It may be transferred elsewhere on the Rwandan territory if deemed necessary.

WDA shall have subsidiary Integrated Polytechnic Regional Centres in each Province and Kigali City. The number of these centres may be subject to change upon approval by a Prime Minister's Order.

**CHAPTER II: MISSIONS OF WDA**

**Article 3: Missions of WDA**

The main mission of WDA shall be to promote and guide the development and upgrading of skills and competencies of the Rwandan workforce in order to enhance its competitiveness and employability through the Technical and Vocational Education and Training (TVET) system.

WDA shall particularly have the following missions:

WDA est doté de la personnalité juridique et de l'autonomie financière et administrative et est géré conformément aux lois relatives à la fonction publique.

**Article 2 : Siège**

Le siège de WDA est établi dans la Ville de Kigali, Capitale de la République du Rwanda. Il peut, en cas de nécessité, être transféré en tout autre lieu sur le territoire du Rwanda.

Le WDA est doté des Centres Régionaux Polytechniques intégrés subsidiaires dans chaque Province et la Ville de Kigali. Le nombre de ces centres peut changer par arrêté du Premier Ministre.

**CHAPITRE II : MISSIONS DE WDA**

**Article 3 : Missions de WDA**

La mission principale de WDA est de promouvoir et guider le développement de la main d'oeuvre locale afin de la rendre plus employable et plus compétitive sur le marché du travail à travers le système d'enseignement et de formation technique et professionnel, TVET en sigle anglais.

Les missions spécifiques de WDA sont les suivantes:

- |  |  |  |
|--|--|--|
| 1° kugaragaza buri gihe amashami y'imyuga yemewe kwigishwa mu Rwanda;  | 1° to regularly identify TVET subjects recognized in Rwanda;   | 1° procéder à l'identification régulière des filières admises dans le système de TVET au Rwanda;   |
| 2° gutegura integanyanyigisho n'indangagaciro ngenderwaho mu bijyanye n'imyigishirize y'imyuga mu Rwanda;                                | 2° to develop curricula and standards on technical and vocational education in Rwanda;   | 2° développer les programmes et les standards en matière d'enseignement technique et professionnel au Rwanda;  |
| 3° kugenzura ko indangagaciro ngenderwaho zubahirizwa;   | 3° to conduct inspections of observance of standards;  | 3° faire des vérifications quant au respect des standards;   |
| 4° gushyiraho uburyo bwo kwegeranya amakuru ku isoko ry'umurimo hagamijwe gutegura integanyanyigisho n'indangagaciro zihuje n'ibikenewe; | 4° to set up a labour market information collection system in order to develop curricula and standards tailor-made to labour market needs; | 4° mettre en place un système de collecte des informations sur le marché du travail afin de développer des programmes et standards adaptés aux besoins du marché du travail; |
| 5° kwigisha no guhugura abarimu bigisha imyuga ku nzego zose;  | 5° to teach and train vocational and technical trainers at all levels;   | 5° enseigner et former les formateurs en matière d'enseignement technique et professionnel à tous les niveaux;   |
| 6° guhugura abakozi bari mu mirimo itandukanye kugira ngo bongererwe ubumenyi n'ubumenyigiro;  | 6° to train workers in various positions in order to upgrade their technical and hands-on skills;  | 6° former les travailleurs en activité en vue de perfectionner leurs compétences techniques et pratiques ;   |
| 7° gushyiraho uburyo bunoze bwo gukoresha ibizamini no gutanga impamyabumenyi n'impamyabushobozi mu bijyanye n'imyuga;                   | 7° to set up a streamlined system for conducting exams, vocational and technical certification and accreditation ;                         | 7° mettre en place un système rationnel d'organisation d'examens, de certification et d'accréditation dans le domaine de la formation professionnelle et technique;          |
| 8° gushishikariza no gufasha   | 8° to sensitize and to facilitate  | 8° sensibiliser et faciliter les investisseurs à   |

<p>abashoramari mu bijyanye no kwigisha imyuga mu Rwanda;</p>	<p>investors to invest in vocational and technical training in Rwanda;</p>	<p>investir dans l'enseignement technique et professionnel au Rwanda;</p>
<p>9° guhesha umurimo agaciro hashyigikirwa kwihangira imirimo, ifatanyije n'inzego zibishinzwe;</p>	<p>9° to promote employment through entrepreneurship development in collaboration with relevant authorities;</p>	<p>9° promouvoir l'emploi à travers l'entreprenariat en collaboration avec les instances concernées;</p>
<p>10° gushyiraho uburyo bwo gutanga impamyabushobozi n'impamyabumenyi butuma uwiga ashobora kuva ku rwego rumwe ajya ku rundi muri TVET kandi bugaragara muri gahunda y'Igihugu y'itanga ry'impamyabumenyi;</p>	<p>10° to establish a National TVET qualification framework that ensures vertical and horizontal mobility and one that is well integrated in the national qualification framework;</p>	<p>10° mettre en place un cadre de qualification de TVET qui permet la mobilité horizontale et verticale intégré dans le système national de qualification ;</p>
<p>11° gukorana n'ibindi bigo bihuje inshingano byo mu Karere cyangwa byo mu mahanga.</p>	<p>11° to establish relationships with other regional and international agencies carrying out similar missions.</p>	<p>11° établir des relations avec d'autres agences tant régionales qu'internationales ayant des missions similaires.</p>

**UMUTWE WA III: URWEGO RUREBERERA WDA**

**CHAPTER III: SUPERVISING AUTHORITY OF WDA**

**CHAPITRE III: ORGANE DE TUTELLE DE WDA**

**Ingingo ya 4: Urwego rureberera WDA**

**Article 4: Supervising Authority of WDA**

**Article 4 : Organe de tutelle de WDA**

WDA irebererwa na Minisiteri ifite Uburezi mu nshingano zayo. Hagati y'iyo Minisiteri n'Inama y' Ubuyobozi hakorwa amasezerano yerekeye gahunda y'ibikorwa agaragaza ububasha, uburenganzira n'inshingano za buri ruhande mu kugeza

WDA shall be supervised by the Ministry in charge of Education. There shall be concluded a performance contract between the Ministry and the Board of Directors indicating powers, rights and responsibilities of each party in order for WDA to fulfil its responsibilities.

WDA est placée sous la tutelle du Ministère ayant l'Education dans ses attributions. Il est conclu, entre ce Ministère et le Conseil d'Administration, un contrat de performance déterminant les pouvoirs, les droits et les obligations de chaque partie en vue de la

WDA ku nshingano zayo.

Ayo masezerano amara igihe gihwanye na manda y'abagize Inama y'Ubuyobozi. Ashyirwaho umukono na Perezida w'Inama y'Ubuyobozi na Minisitiri ureberera WDA.

**Ingingo ya 5: Amasezerano hagati ya WDA n'urwego ruyireberera**

Mu byo amasezerano avugwa mu ngingo ya 4 y'iri tegeko agomba kuba ateganya mu buryo bwumvikana harimo:

inshingano z'Inama y'Ubuyobozi, iz'Ubuyobozi n'iz'inzego z'ingenzi za WDA;

ibigomba kugerwaho na WDA;

aho umutungo wa WDA ukomoka, imikorere yayo n'uburyo buhoraho bwo kubigenzura.

**Ingingo ya 6: Komite Ngishwanama**

Hashyizweho Komite Ngishwanama ishinzwe kunoza no guha WDA umurongo wa politiki no kugenzura uko ushyirwa mu bikorwa.

Iyo Komite Ngishwanama iyoborwa na Minisitiri ufite Uburezi mu nshingano ze,

Such a contract shall be valid for a period of the term of office of members of the Board of Directors and be signed by the Chairperson of the Board of Directors and the Minister supervising WDA.

**Article 5: Performance contract between WDA and its Supervising authority**

The contract referred to in Article 4 of this Law must inter alia specify the following details:

1° the responsibilities of the Board of Directors, the Management as well as those of the main organs of WDA;

2° the expected results of WDA;

3° the source of the assets of WDA, its functioning and permanent audit modalities.

**Article 6: Advisory Committee**

There is hereby established an Advisory Committee entrusted with the task of harmonizing and providing policy orientation for WDA and overseeing its implementation.

The Advisory Committee shall be chaired by the Minister in charge of Education and comprise

réalisation de la mission de WDA.

Ce contrat est valide pour une durée égale au mandat des membres du Conseil d'Administration et est conjointement signé par le Président du Conseil d'Administration et le Ministre de tutelle de WDA.

